République Rwandaise 1dc

ministère de la Jeunesse et des Sports 5T4

Correspondance

1985

/M.D./

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Kigali, le ..............................

No /15.07

Eviter de tels propos avec les agents de terrain

12/8/85

Réf. No :

Annexe :

Objet :

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Prefegitura ya GITARAMA.

Bwana,

Nkwandikiye nkumenyesha ko urwandiko rwawe N° 73/15.15/04/85 rwo kuwa 15 Werurwe 1985 rwangezaho.

Maze kurusoma, nasanze ali ngombwa ko nakugezaho icyo ndutekerezaho. Iyo wanditse ibarwa, ugomba gusuzuma neza ibyo wanditsemo, ukareba neza uko uzayisoma azakira ibitekerezo byawe, ukemera ko haramutse havutse impaka cyangwa urubanza wakemura ibibazo byose bifitanye isano nazo, ukilinda kugereka k'uwundi ibyo wiyandikiye wenyine. Ibyanditswe n'undi ntugomba gupfa kubyemera utabanje gushishoza nicyo gituma ugomba kuba maso, cyane cyane mu nzandiko wohereza abagukuliye, abagutegeka, abo utegeka, inshuti n'abandi. Bitabaye ibyo, ibyo wiyandikiye bishobora kukugwa nabi. Naho kuvuga ngo: " Nagombaga kumwizera kuko aliwe ubishinzwe mbere na mbere", simbyemera. Hanyuma se uruhare rwawe m'ubutegetsi rukaba uruhe niba upfa gukoporora gusa ibyanditswe n'abandi ukabyita ibyawe? Ibyo alibyo byose, we ntitumuzi, ni wowe gusa tuzi.

Nizeye ko icyo gitekerezo cyanjye kizagufasha k'uburyo ubutaha utazongera kwitiranya ibintu, ukajya ubanza kubisuzuma mbere yo kubyohereza.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE GITARAMA
ENCADREMENT PREFECTORAL DE LA
JEUNESSE ET DES COOPERATIVES

GITARAMA, le 15/03/1985

n° 73/15.15/04/85

21/3/85 → DEF(DIVENC) p.i

D G J
20/3/85
2607/15.04

1/4/85

Bwana Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
K I G A L I .-

Binyujijwe kuli Bwana Prefe wa
Prefegitura
G I T A R A M A .-

S/Prefe AFAGUGIRA G.

Bwana Ministri,

Nkuko ibaruwa yanyu n° 0754/15.07 yo kuwa 01/03/1985 ibinsaba nishimiye kubandikira ngirango nsobanure ku buryo burambuye itandukaniro lyabonetse ku mabarura y'Urubyiruko rwo mu makomini TABA, NTONGWE na MUSHUBATI.

Mu nama ya mbere nagiranye n'Abayobozi b'Urubyiruko n'aba za Koperative mu makomini, buli wese yahawe ijambo avuga ubuzima bw'akazi ashinzwe muli Komini. Imibare mwabonye mu nyandiko-mvugo yose yatanzwe na buli muyobozi w'Urubyiruko. Nagombaga kumwizera kuko aliwe ubishinzwe mbere na mbere.

Naho ibyerekeranye na Raporo, muzi neza ko atali njye watanze raporo y'umwaka 1984, uwayitanze yimuliwe ku GIKONGORO. Niwe wahamya ako yakomoye ibiyanditsemo. Ku byerekeye Komini MUSHUBATI umubare 14.762 n'uw'urubyiruko rutiga. Urubyiruko ruli mu mashuli ni 9.081 waruteranya rwose rukaba 23.843.

Mbashimiye umutima mwiza muli bwakirane ibi bisobanuro.

Umuyobozi w'Urubyiruko na za
Koperative muli Prefegitura
G I T A R A M A .

KALISA Alphonse.-

01 MARS 1985

0754/15.07

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
na za Koperative muli Prefegitura
GITARAMA
Binyujijwe kuli Bwana Prefe
wa Prefegitura GITARAMA

Bwana,

Nkulikije ibaruwa nº 32/15.04/04/84 yo ku wa 30/11/1984 yangejejeho inyandiko-mvugo y'inama yo ku wa 9/11/84 wagiranye n'abashinzwe urubyiruko na za Koperative muli Prefegitura ya GITARAMA, nkwandikiye ngusaba kunsobanulira ibi bikulikira :

- Imibare watanze igaragaza urubyiruko rwo mu makomini ya Prefegitura yagombye guhura n'iyo watanze muli raporo y'umwaka wa 84 wanyohereje ku wa 19/10/1984 cyangwa se ugasobanura itandukaniro ly'iyo mibare nasanze muli iyo baruwa maze kuvuga. Reba muli Komini TABA : Umubare watanze muli raporo y'umwaka ni 7.658, muli iyo nyandiko-mvugo navuze haruguru ku rupapuro rwa 14, urubyiruko rw'iyo Komini ni 11.524. Muli Komini NTONGWE umubare watanzwe muli raporo y'umwaka ni 8.129, mu nyandiko-mvugo urupapuro rwa 18, umubare w'urubyiruko rwose ni 10.759. Biragaragara ko urubyiruko rwiyongereye mu kwezi kumwe ku bulyo budasanzwe ,
- Muli Komini MUSHUBATI, hali urujijo kuko utanga imibare ibili y'urubyiruko rwose rw'iyo Komini mu nyandiko-mvugo,urupapuro rwa 7, ni 14.762 cyangwa ni 23.843 ?

Ndifuza ko wakwerekana impamvu iyo mibare itandukanye. Ikindi ni uko igihe ushyirahamwe raporo zivuye muli Komini ukwiye kuzisubiramo kugirango ibilimo byandikwe kuburyo bumwe no mu rulimi rumwe ali mu gifaransa cyangwa mu kinyarwanda ntakuvanga indimi.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM.

[signature]

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KUWA 09/11/1984 Y'ABASHINZWE URUBYIRUKO NA ZA KOPERATIVE MULI PREFEGITURA YA GITARAMA

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

1) Kubera ko ibibazo byigiwe hamwe, abayobozi bakoze iyi nyandiko-mvugo bali bakwiye gusubiza bakulikije plan imwe.

2) Bagomba kandi gukoresha urulimi rumwe, inyandiko-mvugo igatangwa mu kinyarwanda gusa cyangwa mu gifransa gusa.

3) Iby'ingenzi byerekeye urubyiruko bibumbiwe muli iyi tableau ikulikira :

A. Imibare yakuwe mu nyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 9/11/1984

B. Imibare ya kuwe muli raporo y'umwaka 1984.

.../...

NOMBRE DE JEUNES

| Communes | NB Sect/ Com. | G | F | T A | T B | Cent.alpha. A | Cent.alpha. B | Nb d'Inscr. A | Nb d'Inscr. B | Nb de GSE/Com. A | Nb de GSE/Com. B |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. NYAMABUYE | 14 | 6822 | 5845 | 12667 | 12667 | 20 | - | - | - | 12 | 12 |
| 2. MUKINGI | 10 | - | - | 6968 | 7562 | 18 | 13 | 408 | 516 | 6 | 5 |
| 3. MUSHUBATI | - | 7496 | 7266 | 14762 | 14683 | - | - | - | - | 13 | 10 |
| 4. BULINGA | 9 | 4098 | 4268 | 8366 | 8361 | 12 | 9 | 657 | 557 | - | 7 |
| 5. NYABIKENKE | - | 2890 | 2405 | 5295 | 5215 | 13 | - | - | - | 8 | 8 |
| 6. RUTOBWE | - | - | - | 11138 | - | 15 | - | 959 | - | 14 | - |
| 7. NYAKABANDA | 11 | - | - | 11617 | - | 33 | | - | - | 4 | - |
| 8. KAYENZI | - | 4179 | 4064 | 8243 | 8682 | 14 | 10 | - | 578 | 7 | 12 |
| 9. TABA | - | 5575 | 5949 | 11524 | 7658 | 28 | 12 | 1141 | 1140 | 18 | 19 |
| 10. RUNDA | - | 2556 | 2945 | 5501 | 5441 | 12 | 6 | 282 | 290 | 6 | 5 |
| 11. MUGINA | 8 | - | - | 6700 | 6488 | 4 | - | - | - | 4 | 4 |
| 12. NTONGWE | 13 | 5150 | 5609 | 10759 | 8129 | 32 | 14 | 820 | 856 | 7 | 6 |
| 13. TAMBWE | 8 | 4455 | 3490 | 7945 | 7945 | 25 | 9 | 844 | 872 | 6 | 5 |
| 14. KIGOMA | - | 7230 | 4437 | 11667 | 9737 | 32 | 28 | - | 1020 | 7 | 12 |
| 15. MASANGO | 11 | - | - | - | 6630 | - | 45 | - | 2212 | 8 | 11 |
| 16. MURAMA | - | 5835 | 5758 | 11593 | 11593 | 51 | 40 | 1722 | 1457 | - | 7 |
| 17. MUSAMBIRA | - | 5879 | 5672 | 11551 | 11451 | 8 | 8 | 869 | 120 | 6 | 6 |

Iyi mibare ya A na B yagombye guhura cyangwa hakaba itandukaniro lito, aliko mu makomini ~~amwe~~ amwe biragaragara ko ilyo tandukaniro lidatewe n'ubwiyongere bw'abantu cyangwa amashyirahamwe, cyangwa ibigo byigisha kwandika no gusoma. Biterwa n'indi mpamvu. iyihe?

4) Hali kandi ba encadreurs bagiye batanga imibare y'urubyiruko rwose rwo muli Komini n'imibare y'urubyiruko rwavuye cyangwa rutigeze mw'ishuli nka Komini Mushubati na Bulinga.

Iya komini Mushubati ntifudutse :

- Umubare w'abana babakobwa n'abahungu bose hamwe ni 14.762
- Umubare w'abahungu n'abakobwa batigeze mw'ishuli ni 4.456
- Umubare w'abahungu n'abakobwa batali mw'ishuli ni 4.630
- Umubare w'urubyiruko rwose hamwe, abahungu n'abakobwa ni 23.843.

Ubwo umuntu yakwemeza uwuhe mubare, 23.843 cyangwa 14.762 ?....

5) Umuyobozi w'urubyiruko muli Komini RUTOBWE; atanga umubare w'urubyiruko rwose rwa Komini, n'urw'urwiga mu mashuli abanza. Ntibitureba.

6) Komini Masango, nta mibare yerekeye urubyiruko ifite.

KABURA Caritas le 3/01/1985

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI BA ZA KOPERATIVE N'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO MULI PREFEGITURA YA GITARAMA YABAYE KUWA 6/11/1984.-

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Iyo nama yali igamije kurebera hamwe ibyerekeye umwaka w'1985 witiliwe urubyiruko kw'isi hose n'umulyango w'abibumbye (ONU) ali byo:

- Intego
- Amarushanwa yateganijwe
- Amagambo yavuzwe n'intumwa za Ministeri
- Ibibazo
- Ibisobanuro by'abayobozi b'urubyiruko n'imikino, na za Koperative n'abayobozi b'ibibigo byigisha urubyiruko kw'itegurwa ly'umwaka "1985" w'Urubyiruko mu makomini bayobora.

KABURA Caritas
le 3/1/85
Kabura

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE GITARAMA
ENCADREMENT REGIONAL DE LA
JEUNESSE ET DES COOPERATIVES

GITARAMA, le 30/11/1984

N° 32/15.04/04/84

Bwana Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
K I G A L I .-

Binyujijwe kuli Bwana Prefe wa Prefegitura
G I T A R A M A .-

Bwana Ministri,

Hamwe n'uru rwandiko twishimiye kubohereza inyandiko - mvugo z'inama zabereye i GITARAMA, kwa 06/11/1984, no kuwa 09/11/1984.

Iyo kuwa 06/11/1984, yali iyobowe na Bwana KURAZIKUBONE Joseph, Directeur wa Encadrement na Formation muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, igamije gutegura umwaka mpuzamahanga w'Urubyiruko wa 1985, naho iyo kuwa 09/11/1984, yali igamije kurebera hamwe n'abayobozi b'Urubyiruko n'aba za Koperative, na ba Diregiteri b'ibigo by'urubyiruko, imikorere yabo mu kazi bashinzwe.

UMUYOBOZI W'URUBYIRUKO NA ZA KOPERATIVE
KALISA Alphonse.-

BIMENYESHEJWE :

- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura
  K I Y U M B A - R U H A N G O .
- Bwana Encadreur S/Régional w'Urubyiruko
  na za Koperative muli S/Prefegitura
  K I Y U M B A - R U H A N G O .-

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI BA ZA KOPERATIVE N'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO MULI PREFEGITURA GITARAMA YABAYE KUWA 06/11/1984.

Iyo nama yatangiye imilimo yayo saa yine (10h) ibera mu nzu y'inama ya Prefegitura ya GITARAMA.

ABALI MU NAMA :

1. KURAZIKUBONE Joseph , Directeur de la Jeunesse et Formation muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ali nawe muyobozi w'inama.
2. TWAGIRAYEZU Emmanuel, Chef de Division Sports muli MIJEUCOOP
3. BIKINDI Simon, Fonctionnaire du MIJEUCOOP
4. NIYOKINDI Agnés, Fonctionnaire du MIJEUCOOP
5. KALISA Alphonse, Encadreur Régional w'Urubyiruko na za Koperatives
6. KALI[illegible]O Fidèle, Encadreur Régional Adjoint w'Urubyiruko na za Koperative
7. KANYANDEKWE Emili, Encadreur S/Régional w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Préfecture KIYUMBA
8. ZIMULINDA Siméon, Encadreur S/Régional w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Préfecture RUHANGO

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 9. | NDIKUMANA Joseph | Directeur wa C.F.J. | | MPANDA |
| 10. | MURENGERANTWALI Félicien | Directeur wa C.F.J. | | SHYOGWE |
| 11. | UZABAKILIHO Valens | Directeur wa C.F.J. | | KEBERO |
| 12. | MPAMBARA Callixte | Encacoop | Commune | NTONGWE |
| 13. | GAKUBA Evaliste | " | " | KIGOMA |
| 14. | NZABALINDA J.M.Vianney | " | " | KAYENZI |
| 15. | KAYIGIRA Innocent | " | " | MUSAMBIRA |
| 16. | MUNYANTARAMA Léonidas | " | " | MASANGO |
| 17. | NSABIMANA Innocent | " | " | NYAMABUYE |
| 18. | MBASHIMIYUMUREMYI Daniel | " | " | MURAMA |
| 19. | NDAGIJIMANA Laurent | " | " | RUTOBWE |
| 20. | MURASIRA Gérard | " | " | MUKINGI |
| 21. | MUSABIMANA Prosper | Encajenesports | Commune | KAYENZI |
| 22. | MULIGO Valens | " | " | TABA |
| 23. | MUNYANSANGA Barnabé | " | " | MUSHUBATI |
| 24. | MUVUNANKIKO Emmanuel | " | " | MUGINA |
| 25. | MUTABAZI André | " | " | MURAMA |
| 26. | HABIMANA Dominique | " | " | NTONGWE |
| 27. | NSABIMANA Daniel | " | " | KIGOMA |
| 28. | MUNYAWERA Damien | " | " | TAMBWE |

..../....

| | | | |
|---|---|---|---|
| 29. NZAYISENGA Justin | Encajeunesports | Commune | RUNDA |
| 30. NYAMINANI Edouard | " | " | MUKINGI |
| 31. HALINDINTWALI Aphrodise | " | " | BULINGA |
| 32. NDAMAGE Damien | " | " | NYABIKENKE |
| 33. MUNYANKINDI Landoard | " | " | NYAMABUYE |
| 34. MPABONYE Pamphile | Inspecteur Adjoint d'arrondissement GITARAMA. | | |

**IBYALI KU MURONGO W'IBYIGWA :**

1. Kurebera hamwe uko umwaka utaha w'Urubyiruko kw'isi hose wategurwa
2. D I V E R S.

Inama yatangijwe n'ijambo ly'umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Prefegitura GITARAMA, abanza kwerekana intumwa zali zaturutse muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Birangiye Militant Kurazikubone Joseph, Directeur muli Ministeri yafashe ijambo, ashimira abaje mu nama kuba bahagereye igihe. Yakomeje abibutsa ko umulyango w'abibumbye (O.N.U.) wifuje ko umwaka utaha w'1985 wakwitilirwa urubyiruko kw'isi hose, ati uwo mwaka ufite intego eshatu alizo "GUFATANYA, AMAHORO, AMAJYAMBERE. Ati muzi mwese ko urubyiruko alirwo rwanda rw'ejo, nitwe rero dukwiye kurutegura, cyane cyane turwibutsa ko amahoro ali ngombwa mu bintu byose.

Yakomeje avuga ko icyabaganye cyane cyane ali ukugirango bibukiranye . ibyerekeranye n'uwo mwaka w'urubyiruko. Ati hali amabwiliza yagiye ava muli Ministeri amwe mwarayabonye. Yakomeje avuga ko iwacu mu Rwanda twali dukwiye gushyigikira kurushaho za Groupements ziliho, ntitwibagirwe kandi n'urubyiruko ruli muli za Centre de formation (C.F.J.) ati uwo mwaka wali ukwiye kuzadusigira urwibutso, mbega ugasiga hali icyo urubyiruko rwacu rwungutse. Ati ibyo byose bizagerwaho ali twe, ali mwe biturutseho, nimwe mwegeranye narwo, nimwe rushinzwe bwa mbere.

Yakomeje yibutsa ko mu bizakorwa byose gushyigikira amahoro ali ngombwa cyane, ati iyo ibintu bilimo amahoro, ubufatanye nabwo bulizana. Ubwo hakulikiyeho gusomera abali mu nama inyandiko yateguwe na Ministeri ivuga iby'uliya mwaka uzaba ali uw'urubyiruko.

Birangiye Militant Directeur yakomeje agira ati "Ni nk'amahirwe kubona ziliya ntego z'umwaka w'urubyiruko ali ntaho zitaniye n'iza Muvement yacu ishingiyeho, ati zikwiye rero guhuzwa na politiki y'igihugu cyacu. Yibukije ko dukwiye cyane cyane kurwana ku muco wacu nyarwanda ntukendere, umunyarwanda akaba afite umuco we umuranga.

Yakomeje avuga ko mu kwizihiza uliya mwaka, hali amarushanwa yateganijwe mu rwanda akazaba yerekeye :

UBUHINZI, UBWOROZI, N'UBUKOLIKOLI.

Yibukije ba Encadreurs ko bagombye kuba baratangiye kuvangura mu mashyirahamwe bafite, 6 ashoboye, nyuma nayo akazavanwamo atatu azajya mw'irushanwa.

- Ati hali na none irushanwa mu mikino nyarwanda, ndetse n'imikino gakondo. Yavuze ko hali n'amarushanwa muli "Sports, mu ndilimbo no mu bwanditsi". Yakomeje asobanura ibyerekeye irushanwa mu ndilimbo, avuga ko izizaba iza mbere zizanyura kuli radio ... nyine umwaka w'Urubyiruko. Ubwo hakulikiyeho gusonera abali mu nama ibyerekeranye n'ibitekerezo nyobozi by'abahimbyi.

- Directeur yahaye ijambo umwe mu bo bali bazanye asobanura ibyerekeranye n'animation. Mu kubisobanura yavuze ko irushanwa ly'imikino nyarwanda lyahera muli za Secteurs, ati hazabanza amarushanwa hagati ya za secteurs, bityo buli muntu wese wiyumvamo ubuhanga ashobore kulijyamo.

- Yakomeje avuga ko muli za Secteurs haba hali abantu benshi b'abahanga aliko ntibabasha kumenyekana, ati bibaye kurwego rwa secteurs ntacyababuza kujyamo. Yavuze ko itorero lizaba ilya mbere muli Secteur atalilyo lizaserukira Komini. Yibukije nanone ko niba muli secteur cyangwa Komini iyi n'iyi hali itorero ly' intore cyangwa abakaraza, aliko likaba ligizwe n'abantu bakuze litakwemererwa. Ati ahubwo mulibo haziyamamo umwe yigishe abana alibo baza kurushanwa.

- Yibukije ko itorero ligomba kugira abantu 70, ati bashobora kuba hasi yabo aliko ntibagomba kurenga. Yabwiye abali mu nama ko ubu igihugu cyacu gifite Ballet National y'abantu bakuru (URUKEREREZA) ati Ministeri yifuza ko hashyirwaho Ballet National y'abana. Ibyo bikazagerwaho bifashishije ayo marushanwa azabera muli za secteurs, hakazatoranywamo abasore, n'inkumi bafite ubushobozi bakarema ballet National (Junior)"INDANGAMIRWA".

- Yabwiye abali mu nama ko bakwihutira kugeza k'ubuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Prefegitura ako batangiye kwitegura uwo mwaka, nawe akihutira kubigeza muli Ministeri. Bityo Ministeri nayo ikabona aho ihera yohereza intumwa zayo mu makomini.

- Birangiye, umwe mu bali bavuye i KIGALI yakomeje asobanura ibyerekeye Sports. Ati muli sports hali ATHLETISME N'ISIGANWA LY'AMAGARE. Yavuze ko muli athlétisme amakomini azazana abakinnyi batoranijwe bakajya i KIGALI bagahura n'andi makomini, ati nyuma hazaba ilindi rushanwa lizahuza urubyiruko rwose, rwaba Abasilikare, abanyeshuli (Université) n'abandi. Ati muli athlétisme kandi ntabwo hazakorwa Discipline icumi nk'uko byali bisanzwe, ati biziyongera nubwo halimo zimwe zitali.zizwi aliko nibuze twahera aho tuzimenya. Izo Discipline ni : kwiruka m 100, 200, 400, 800, 1500, 3000, 5000 na m 10000. Hali kandi no gutera Disque, poids, javelot, saut en hauteur, longeur, na Perche ku bahungu gusa.

- Yakomeje avuga ko course y'amagare izaba ku rwego rwa Prefegitura, ati hali kandi na Course populaire izaba ku rwego rwa Komini. Ku byerekeye course populaire Ministeri izageza kuli ba Encadreur ba za Komini amabwiliza azakulikizwa.

Ibyo birangiye Militant Directeur yongeyeho ko muli iyo course populaire, abantu bakuru badahejwe.

..../....

IBIBAZO :

1. Encajeunesports NYABIKENKE yabajije ko ku byerekeye imikino gakondo na Animation atabyumvise neza. Bamubwiye ko imikino gakondo ishakwa li ; Imbyino intore, abakaraza n'abacuranzi. Yibutsa ko abantu ba kera alibo bazi ibintu gakondo, ati bakwiye rero gushaka ukuntu bakwigisha urubyiruko rutabizi.

2. Directeur wa C.F.J. SHYOGWE yabajije niba muli concours musical, abantu bakuze bahejwe muli iyo concours. Militant Directeur yashubije ko ilyo rushanwa abantu bose balitumiwemo.

3. Encadreur Régional yavuze ko hali benshi bibaza ngo urubyiruko ninde ? ati hali nk'umwana ufite imyaka 16 akaba yarabyaye n'undi ufite 24 aliko akili ingaragu. Abantu rero bakibaza icyo kibazo. Militant Directeur yamushubije ko icyo gihe bareba ubushobozi bw'umuntu ati niba umwana yarabyaye ali muto aliko afite ubushobozi ubu n'ubu ntacyamubuza kujya mu rubyiruko. Yibukije ko Minisiteri y'urubyiruko ireba abamini urubyiruko ruli hagati y'imyaka 10 na 34.

4. Encajeunesports MURAMA yabajije niba nta kuntu Minisiteri yabigenze uliya mwaka w'Urubyiruko ukizihizwa no ku rwego rwa Komini. Militant Directeur yamushubije ko niba muli Komini iyi n'iyi bumvikana bagashobora gushyira hamwe babikora, aliko bidashobotse Minisiteri ntabwo yabyivanamo.

5. Encadreur S/Régional RUHANGO yabajije niba nta kuntu bababonera ibikoresho by'athlétisme, ati umwira umuntu ngo natere javelot ataligeze ayibona bikamugora cyane, bityo bigatuma nta bakinnyi bashobotse bagira.

Militant Directeur yakomeje avuga ko Ba Inspecteur d'arrondissement basabwe ko mu mwaka w'urubyiruko, bakoresha mibuzo urubyiruko bashinzwe twa concours de dissin.

IBYIFUZO:

- Encadreur S/Régional KIYUMBA yifuje ko haba Sensibilisation, cyane cyane ba Bourgmestre. Aha yifuzaga ko Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yakwandikira Prefe agakoresha inama ba Agronome n'abandi bose barebwa abamini n'uliya mwaka w'urubyiruko.

- Yifuje namone ko calendali y'uliya mwaka w'urubyiruko yahabwa ba encadreurs bose, bityo bakaba bazi icyo bagomba gukora igihe iki n'iki.

- Ku byerekeye Sensibilisation, Militant Directeur yavuze ko hali seminaire ya ba Bourgmestre yabereye i BUTARE, intumwa za MIJEUCOOP zagiyeyo gusobanura nyine ibyerekeranye n'uliya mwaka w'Urubyiruko, ati hali kandi na none inama ba Bourgmestre bagiranye na Ministre w'Urubyiruko. Ati Burgumestri utazabikulikiza muko azaba atabishatse

- Militant Directeur yakomeje avuga ko ba Encadreur bali bakwiye kujya bibuka urubyiruko ruli muli za C.F.J. bakagirana ibiganiro na ba Directeurs byibyo bigo kuko aho barera alibo bazarema amashyirahamwe arebana na ba Encadreurs nyine mu minsi ili imbere. Yakomeje asobanura abali mu nama ibyerekeranye n' irushanwa ly'ubuhanzi n'ubworozi, birangiye yifuje ko ba Encadreur b'Urubyiruko umwe umwe yagenda avuga muli make aho ageze ategura umwaka utaha w'Urubyiruko.

1. Encadreur NYAMABUYE :

- Yavuze ko hali amashyirahamwe 12 . Ati aliko ayarobanuwe akora neza ni 4 gusa. aliyo : 1. Ass. des jeunes KAGARAMA (TABA)
  2. Atelier de Couture NYAMABUYE (NYAMABUYE)
  3. Ass. ABIHUJE -GASENYI (KIVUMU)
  4. Briqueterie des jeunes NYAMIBUMBE (MUSUMBA).
- Kwigisha gusoma no kwandika hali ibigo 15 n'ibindi 5 (C.S.D). kwigisha gusoma rero bikaba bigikomeza.

- Amatorero ya animation na Folklore 5 ali muli secteur MUSUMBA, KAVUMU, SHYOGWE, GITARAMA na MPUSHI, hali n'itorero ly'intore ligize ballet ya commune lili i SHYOGWE, n'abakaraza bato (Jeunes).

..../....

- Imikino ngororangingo mubili yatangiye gukorwa, amashuli nayo alimo, hazajya haba irushanwa buli gihembwe.

- Imikino gakondo - nyarwanda ubu muli za Secteur balitoza. Turateganya irushanwa. Mu kujijura urubyiruko hali abanyeshuri bo mu mashuli yisumbuye bigisha abandi mu biruhuko.

Commune MUSHUBATI :

- Mw'irushanwa ly'imbyino n'imcurango hali amatorero y'abahungu n'abakobwa.
- Mw'irushanwa ly'intore hali secteur 3, tuzatoranmo imwe izaserukira Komini.
- Hali n'abakaraza bitoza bihagije.
- Animation nayo ntabwo yibagiranye. Mw'irushanwa ly'amashyirahamwe azajya mw'irushanwa hali :

1. ABATISHAMA, Secteur GIKONGORO
2. ABADACOGORA, Secteur KIRAMA
3. KOFUNYA , Secteur NYAKA
4. KOBUNYA, Secteur NYAKA
5. Ass. ibaza, Secteur GIKONGORO
6? Ass. des jeunes filles de GIKONGORO.

- Ku byerekeye Athlétisme nabyo birakorwa.
- Kwigisha gusoma no kwandika ntibyibagiranye. Ubu bikorwa tubifashijwemo n'abihaye imana na C.C.D.F.P.

Commune MASANGO :

a) - Ku byerekeye amashyirahamwe azajya mw'irushanwa hatoranijwe :
   1. COPEKA - KANYINYA - Menuiserie
   2. ABAKOMEZARUHIRIMI - RUYUMBU - Artisannat + Agri.
   3. ABADACOGORA - NYAGISENYI - Agriculture
   4. J.O.C. KABILIZI - KABILIZI - Briqueterie - Tuilerie
   5. C.F.J. - KABUGA - AGRI - Maçonnerie - Menuiserie.
   6. C.E.R.A.I. - KARAMBI - AGRI - ELEVAGE - Maçonnerie.

b) FOLKLORE : - Hali intore zili mu myitozo
   - Urubyiruko ruvuza ingoma
   - Ballet communal ilimo urubyiruko rwinshi tuzarobanura.
   -

c) GUSOMA NO KWANDIKA : - Hali ibigo birenga 50 byigisha gusoma no kwandika

d) Athlétisme : - Hali abarobanuwe mbere, muli Discipline zose.

Commune MURAMA

a) Alphabétisation : - hali ibigo 48 byigisha gusoma no kwandika
   - hali na C.E.D. 3.

b) Sports + Athlétisme: - Hali irushanwa ly'amagiteli lyabaye n'ilindi lizaba mu kwezi kwa 12/84. Hali igroupe ihoraho ayo marushanwa aba kugirango iyo groupe yongerwe.

c) Folklore : - Komini ifite umutwe w'intore, abakaraza, abacuranzi n' ababyinnyi.

d) Associations:- Hali amashyirahamwe 2 azajya mw'irushanwa, aliyo :
   1. C O P A M na C O D E M B
   - Hali kandi na C.F.J., C.E.R.A.I na C.S.D. NKOMERO.

COMMUNE KIGOMA :

a) Amashyirahamwe azajya mw'irushanwa ni
   1. COTRAMKI, Secteur BUTARE
   2. ABAJYAMUGAMBI.

b) Alphabétisation : Hali ibigo byigisha urubyiruko gusoma no kwandika 32 n'abalimu 62.

..../....

- Habaye irushanwa ku rwego rwa Komini, ababaye aba mbere bongereye urubare w'abagize ballet igizwe n'abakobwa, intore, n'abakaraza.

e) Athletisme : Hali ikipi y'abakinnyi ihoraho yitoza buli gihe.

Commune NTONGWE :

a) Alphabétisation : - Hali abalimu 32 bigisha gusoma no kwandika bahembwa na eglise adventiste.

b) Imikino gakondo : - Segiteri zose zilitoza, hakaba hazaba irushanwa mu minsi ili imbere.

c) Imikino ngorora mubili : - Hali ikipi ihoraho yarobanuwe.

d) Amashyirahamwe : azajya mw'irushanwa ni
1. Ajeki - ACAJERU - AJEGI . Hali kandi na C.F.J. yo mw'i KEBERO na atelier y'abakobwa ili mw'i KEBERO.

Commune MUGINA :

- Ubu urubyiruko rurahugurwa muli za C.C.D.F.P.
- Amarushanwa y'animation mu banyeshuli
- Championnat de F.B. mu masegiteri

a) Alphabétisation : - hali ibigo 4 byigisha gusoma no kwandika na C.S.D. 2 kuli paroisse.
b) Folklore : - Buli secteur ifite itorero ly'animation, hakaba kandi na ballet communal.

c) Amashyirahamwe : - hali coopératives 3 na Pré-coopérative 1 hali na FECOJAMU, INTIGANDA.

Commune RUNDA :
a) Amashyirahamwe yatoranijwe : - SACERU - CAREMAU - P.C.J.P.A.E.R.

b) Athlétisme : - irushanwa liteganijwe mu kwezi gutaha.

c) Folklore : - buli secteur ifite itorero, irushanwa lizaba n'ukuboza 1984.
- Ballet communal nayo izajya mw'irushanwa.

d) Alphabétisation : - hali ibigo 6 by'amadini
- hali ibindi 6 bya C.S.D.

Commune TAMBA :

AMAshyirahamwe azajya mw'irushanwa :
- COOPAECOTA - COJEUMBI - C.C.D.J.P.F.E.

b) Athlétisme : - Hakozwe irushanwa mu masegiteri yose no ku rwego rwa komini ubu hakaba hali ikipi yitoza buli gihe

c) Imikino nyarwanda : - Segiteli zilitoza, hazaba irushanwa havanweno abahanga bazunganira ballet ya Komini.

d) Alphabétisation - Hali ibigo 24 byigisha gusoma no kwandika, C.S.D. n'abandi bigishwa kuli za centre z'amashuli.

e) sports : Irakorwa ku bulyo komini Taba yabaye iya kabili muli GITARAMA.

Commune KAYENZI :

a) Cadre bénévole : - buli secteur na cellule ifite abantu bihugura buli gihe muli C.C.D.F.P., bakajya kwigisha bagenzi babo.
b) Alphabétisation : - hali ibigo 7 byigisha gusoma no kwandika, 3 by'amadini na 4 by'ibigo bitsura amajyambere.

..../....

Commune KAYENZI (Suite)

c) Amashyirahamwe azajya mw'irushanwa ni
- SOJEKI - AJEMUMA - ABATERANINKUNGA.
- Hali kandi na C.E.R.A.I na C.S.D. ya paroisse.

d) Animation : - habaye irushanwa mu rwego rwa secteur, ubu muli buli secteur hali itorero ly'animation. Hali kandi na ballet ya Komini igizwe n'intore, ingoma n'ikondera.

e) Athlétisme : Habaye irushanwa, hakaba kandi hali itorero lyitoza kabili mu kwezi ubu hateganijwe ilindi rushanwa mu masegiteli mu kwezi gutaha.

Commune RUTOBWE :

a) Kwigisha gusoma no kwandika, Komini ifite C.A. 12, na C.S.D. 2, zigamo abasore n'inkumi 959.

b) Imikino gakondo, hazakorwa irushanwa mu mwaka utaha, hali n'itorero lya Komini lisanzwe.

c) Amashyirahamwe : ayatoranijwe ni
- ASOFIGA Ikora imitako
- COSECUKA Ihinga ikanacuruza. Hali kandi na CERAI SHYANDA na CERAI CYEZA. Hateganijwe gukoresha irushanwa mu mikino ngorora-ngingo, mu mikino nyarwanda muli buli segiteli.

Commune NYABIKENKE :

a) Alphabétisation : - hali ibigo bilindwi byigisha gusoma no kwandika, na C.S.D. 4.
- Amashyirahamwe azajya mw'irushanwa ni : ABADACOGORA - J.O.C. KABACUZI - CERAI KABACUZI CERAI KANYANZA - CERAI MUGEYO.

- Mu kwezi kwa 12/1984 hateganijwe irushanwa ly'athlétisme muli za secteur.
- Hateganijwe irushanwa ly'umupira w'amaguru muli segiteri.
- Ballet ya Komini ntiyuzuye, habuzemo intore abakaraza, uretse ko ubu Komini yatumije ingoma.

Commune BULINGA :

a) Kwigisha gusoma no kwandika : - Hali ibigo 12 bilimo urubyiruko 657 n'ibigo by'abihaye imana 5. Hali iby'abadventise 3 C.C.D.F.P. imwe na C.S.D. 3.

b) Amashyirahamwe azarushanwa ni : - ABACEKA - ACOUBJEBU. Hali kandi na CERAI BURANGA na CERAI MUSHISHIRO.

c) Imikino ya kinyarwanda : - hazakorwa irushanwa ku rwego rwa secteur mu kwezi gutaha.

d) Imikino ngorora mubili : - hali ikipi isanzwe aliko hateganijwe irushanwa mu kwezi kwa 12/1984.

- Ba Encadreur bose barangije umwe, umwe kuvuga uko yiteguye umwaka w'urubyiruko, ba Directeurs ba za C.F.J. nabo basobanuye muli make uko biteguye umwaka w'Urubyiruko.

C.F.J. SHYOGWE :

Barushijeho gutunganya inyigisho zihabwa urubyiruko alizo, UBUHINZI, UBWOROZI, UBUBAJI, UBUBATSI, UBUDOZI n'ibindi.

a) UBUHINZI : - Hacukuwe imilingoti ku mililma yose haterwa ibyatsi, kugirango turwanye isuli.

- Mu kwitegura irushanwa kandi twahinze bimwe mu bihingwa ngandura rugo. Ntitwibagiwe n'ikawa, inanasi, n'ibiti byera imbuto zilibwa.

- Twateye ibiti bya cyprès 3.000 birenga.

b) UBWOROZI : - Horowe ingurube n'ihene, cyakoze kubera ibilibwa bike, ingurube zaragabanijwe . Ubu barateganya kwongera ihene. ndetse no korora inkoko kuko inzu yazo yuzuye.

c) IMYUGA : - Mu kwigisha abanyshuli imyuga , hakozwe ibintu bishobora kugulishilizwa mu cyaro. Mu bubaji : hakozwe intebe, ameza, n'ibindi byagulishwa bidahenda.

- Mu budozi :hadozwe imyenda y'abana, amajipo, amashati n'ibindi.

- Muli cordonnerie na Maroquennerie : harateganwa kuzadoda udukapu, udukweto, imikandara n'ibindi.

d) Sports na animation :

Abanyeshuli bigishwa sports zose, na animation. yaravuguruwe. Ubu harahararurwa ibibuga by'umupira.

e) Alphabétisation :

- Hali abanyeshuli 16 batazi gusoma no kwandika bigishwa 2 mu cyumweru.

C.F.J. MPANDA.

Mu kwitegura umwaka w'urubyiruko, C.F.J. MPANDA yiteguye kuzakora amarushanwa mu BUHINZI, UBWOROZI n'ANIMATION.

a) UBUHINZI : - Ubu hahinzwe cyane ibihingwa ngandura rugo by'amoko menshi. hali n'ibindi byahinzwe nka TOURNESOL, SOYA n'ibiti byera imbuto zilibwa.

- Hatewe kandi na cyprès ku ruzitiro rw'ikigo. Hateganijwe kuzatera inturusu ku musozi wa MANYAGIRO.

b) UBWOROZI : - Hali hasanzwe inka imwe yorowe kijyambere, ubu Ministeri y'urubyiruko yabahaye izindi ebyili. Harateganwa kuzorora intama, inkwavu ndetse bishobotse n'inzuki.

- Ku byerekeranye n'amajyambere, ubu mu kwigisha imyuga hazongerwa umutungo w'ikigo mu budozi no mu bubaji. Haramutse habonetse inkunga ya MIJEUCOOP, amazu mashya yubakwa yakuzuzwa vuba, ndetse n'ayali ashaje akavugururwa.

- Mu kwigisha gusoma no kwandika, ubu hali abanyeshuli batatu batabizi, baligishwa kandi hagashakwa n'abandi baba batabizi batuliye ikigo.

-hazashyigikirwa umuco-nyarwanda mu rubyiruko, rutozwa cyane cyane ikinyabupfura. Mu guharanira amahoro, tuzabicengeza mu rubyiruko rwacu kurushaho muli animation bityo urubyiruko rutashoboye kuza muli icyo kigo turubere urugero.

C.F.J. KEBERO (NTONGWE)

Mu kwitegura umwaka w'urubyiruko , higishwa cyane cyane UBUHINZI,UBWOROZI, IMYUGA, IMYIDAGADURO N'IBINDI.
Hali kandi n'abasore bahugurirwa gusoma no kwandika 23, abakobwa ni 10 naho abahungu ni 13.

UBUHINZI : - Umulimo wibanze wakoswe ni ukurwanya isuli no gufumbira hahingwa kandi : ikawa, urutoki, amasaka, imbuto zilibwa, imboga, ibishyimbo, ibijumba n'imyumbati.

UBWOROZI : - Kubera ko ubworozi butali bwaligeze muli icyo kigo, ubu harubakwa ikigo cy'ubworozi bw'inkoko n'inkwavu kiri hafi kuzura, ayo matungo azaba yageze mu mwaka utaha.

IMYUGA : - Kuruhande rw'imyuga ikigo cyo mw'i KEBERO ntigihwema guteganyiriza ibintu byo mu bubaji no mu budozi rya mulikwa ryerekeranye n'umwaka w'urubyiruko. Ubu ibyuzuye muli izo nzego zombi birabikwa kubera iyo mpamvu.

IMYIDAGADURO : - Umuyobozi w'ikigo yasanze byaba ngombwa kwigisha urubyiruko rwo mu kigo umukino udasanzwe uzwi mu karere wa Hand Ball bityo ubu urubyiruko rukaba ruwushishikaliye muli kino gihe ndetse hababa haliho kubakwa ikibuga cy'uwo mukino.

IBINDI : - Umuyobozi w'ikigo yasanze byazaba ngombwa ko urubyiruko rwo mw'i KEBERO rwazazilikana ikintu gishyashya rwungutse kubera umwaka warwo maze yiyemeza gusaba abagiraneza umuriro wamuri likira ikigo hakoreshejwe imirase y'izuba ; nibwo yahise abisaba ishyirahamwe ryitwa A.R.D.I. Ubu uwo mushinga ukaba utegerejwe mu mwaka utaha 1985.

- Ubwo ba Directeur ba za C.F.J. barangije kugeza ku bali mu nama uko bitegura umwaka w'urubyiruko, umuyobozi w'inama yabwiye abali mu nama ko ibyifuzo by'umulyango w'abibumbye (O.N.U.) byakulikizwa. Ati nishimiye rwose kumva ba Encadreurs na ba Directeurs b'ibigo bo muli GITARAMA barumvise ndetse bakagerageza kumvisha abo bashinzwe amatwara y'umwaka utaha 1985 w'urubyiruko kw'isi hose. Yakomeje yibutsa ko Ministere y'Urubyiruko ataliyo yonyine ishinzwe urubyiruko. Ati hali nka Ministeri y'amashuli abanza n'ayisumbuye ikwiye gufatanya n'iy'urubyiruko nyine.

- Yavuze ko Ministeri izajya ikora uko ishoboye ikohereza intumwa zayo mu makomini kureba aho imyiteguro y'uliya mwaka igeze. Ati aliko namwe muzashyireho akanyu, mukulikire kenshi ikiganiro cya MIJEUCOOP gihita buli wa kane kuli radio, bityo bitume mwunguka ibitekerezo. Militant Directeur yashoje inama ashimira cyane abayijemo, kuba baragejejeho ibibazo n'ibyifuzo byabo. Inama yarangije imilimo yayo saa munani n'iminota mirongo itatu(14h30')

UMWANDITSI W'INAMA

Encadreur Régional Adjoint de la Jeunesse et des coopératives

KALIMABO Fidèle

UMUYOBOZI W'INAMA

Directeur de la Jeunesse et Formation au MIJEUCOOP

[illegible] Joseph.

REPUBLIQUE RWANDAISE PREFECTURE DE GITARAMA

Encadreur Régional GITARAMA

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KUWA 09/11/1984 YA BA ENCADREURS B'URUBYIRUKO NA BA ENCADREURS BA ZA KOPERATIVE MULI GITARAMA

Inama yatangiye saa tatu iyobowe na Bwana KALISA Alphonse, Encadreur Régional muli Prefegitura GITARAMA.

ABALI MU NAMA :

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1. | KALISA Alphonse | Encadreur Régional de la Jeunesse et des coopératives | | |
| 2. | KALIMWABO Fidèle | Encadreur Régional Adjoint | | |
| 3. | KANYANDEKWE Emile | Encadreur S/Régional | | KIYUMBA |
| 4. | ZIMULINDA Siméon | Encadreur S/Régional | | RUHANGO |
| 5. | NDAYISENGA Justin | Encajeunesports | COMMUNE | RUNDA |
| 6. | MUNYAWERA Damien | Encajeunesports | " | TAMBWE |
| 7. | KARANGWA Louis | Encacoop | " | TAMBWE |
| 8. | NDAMAGE Damien | Encajeunesports | " | NYABIKENKE |
| 9. | HALINDINTWALI Aphrodise | Encajeunesports | " | BULINGA |
| 10. | MUNYANSANGA Barnabé | Encajeunesports | " | MUSHUBATI |
| 11. | SEKAGENGE Claude | Encacoop | " | MUSHUBATI |
| 12. | MUVUNANKIKO Emmanuel | Encajeunesports | " | MUGINA |
| 13. | MUTABAZI André | Encajeunesports | " | MURAMA |
| 14. | MUNYANTARAMA Léonidas | Encacoop | " | MASANGO |
| 15. | MPAMBARA Callixte | Encacoop | " | NTONGWE |
| 16. | NZABALINDA J.M.Vianney | " | " | KAYENZI |
| 17. | KWIGIRA Innocent | " | " | MUSAMBIRA |
| 18. | NTULIZA J.M.Vianney | " | " | NYABIKENKE |
| 19. | KAGUBARA Callixte | " | " | RUNDA |
| 20. | NYANDWI Bertin | " | " | MUGINA |
| 21. | MURASIRA Gérard | " | " | MUKINGI |
| 22. | NSABIMANA Innocent | " | " | NYAMABUYE |
| 23. | NYAMINANI Edouard | Encajeunesports | " | MUKINGI |
| 24. | HATEGEKIMANA Théogène | " | " | MUSAMBIRA |
| 25. | MUSABIMANA Prosper | " | " | KAYENZI |
| 26. | HABIMANA Dominique | " | " | NTONGWE |
| 27. | MULIGO Valens | " | " | TABA |
| 28. | NDIKUMANA Joseph | Directeur | C . F . J . | MPANDA |
| 29. | UZABAKILIHO Valens | " | " | KEBERO |
| 30. | MURENGERANTWALI Félicien | " | " | SHYOGWE |
| 31. | NDAGIJIMANA Laurent | Encajeucoop | COMMUNE | RUTOBWE |
| 32. | BALINDA Cléophas | Encajeunesports | " | NYAKABANDA |
| 33. | NSHIMIYUMUREMYI Daniel | Encacoop | " | MURAMA |
| 34. | NSABIMANA Daniel | Encajeunesport | " | KIGOMA |
| 35. | GAKUBA Evaliste | Encacoop | " | KIGOMA. |

..../....

- Bwana Encadreur Régional yafashe ijambo aramutsa abaje bose, abamenyesha ko hali undi mukozi Ministeri yohereje gukora i GITARAMA utarahagera witwa BAKINIYE Ildéphonse, wakoraga muli S/Préfecture KABAYA, azaza ino, akaba Encadreur Régional adjoint. Yasobanuye icyateranyije inama, akulikije ibaruwa yandikiye ba Encadreurs bose, na ba Diregiteri b'ibigo by'urubyiruko yo kuwa 23/10/1984.

IBYASUZUMWE MULI IYO NAMA :

1. Kurebera hamwe uko imilimo ikorwa (Evaluation)
2. Kureba uko Encadreur na Diregiteri bakorana
3. Ibindi bibazo.

1. Kurebera hamwe uko imilimo ikorwa :

Bwana Encadreur Régional yasabye buli wese ko yavuga iby'iwe uko bimeze. Kuli ba Encadreur b'urubyiruko abasaba kuvuga uko bakora mu buryo bukulikira :

1. URUBYIRUKO:
- Imigendekere n'imiterere y'akazi
- Umubare w'Urubyiruko rutageze mu mashuli
- Urubyiruko ruli mu mashyirahamwe
- Amashyirahamwe agenda neza
- Imilyango y'urubyiruko (Mouvement des jeunes)
- Ba responsables b'urubyiruko uko bakorana na Encadreur n' ubutegetsi bwa Komini.

2. Imikino n'animasiyo :
- Ibibuga byo gukinirahe
- Amakipi ali muli Komini
- Athlétisme
- Imbyino gakondo
- Imiterere ya za groupe d'animation.

3. Ibyifuzo n'ingorane :
- Ibyifuzo kugirango akazi karusheho kugenda neza
- Ingorane
- Imigambi yo gutegura umwaka w'urubyiruko.

Yongeye gusaba ba Encadreurs ba za Koperative nabo kuvuga uko akazi kabo kagenda, bakisoba - nura mu buryo bukulikira :

- Ibiko uko byifashe
- Umubare w'abaturage muli Komini bakoramo
- Koperative zifite ubuzima-gatozi
- Pre-Koperative zikora neza n'imicumbagira
- Ibimina
- Mutualités
- Ingorane
- Ibyifuzo n'imigambi itaha.

..../....

- Bwana Encadreur Régional yunzemo asaba na ba Diregiteri b'ibigo by'urubyiruko gusobanura amavu n'amavuko y'ikigo, ibikorwa gifite, umubare w' abanyeshuli, abalimu balimo, umutungo bafite, ubuso ikigo gikoreramo, uko bita ku rubyiruko rurangije mu kigo, ingorane bafite muli iki gihe n'imigambi bafite bategura umwaka w'Urubyiruko.

- Amaze gusobanura uko buli wese alibusobanure, ukwanya ukulikiyeho wahaliwe abali mu nama. Hatangiye Encadreur w'urubyiruko n'imikino muli NYAMABUYE.

<u>Encadreur NYAMABUYE</u> :

1. Secteurs administratifs : 14 Secteurs

2. Effectif de la Jeunesse : Garçons : 6.822

Filles : 5.845

TOTAL :12.667, tous agés de 10 à 24 ans.

3. Associations des jeunes et mixtes (jeunes et adultes) :

12 associations dont - 8 associations agricoles
- 3 associations artisanales
- 1 association de commerce détail.

4. Situation financière des associations :

- Caisse : 113.370 FRS
- partagé : 66.765 FRS

5. Infrastructures sportives existantes :

- 10 terrains de Foot-Ball
- 4 terrains de Volley-Ball
- 1 terrain de basket-Ball
- 3 terrains de Hand-Ball

d'autres terrains sont trouvables dans tous les établissements secondaires et dans le camp Militiare de GITARAMA, de même qu'au Centre de Formation des cadres de MURAMBI.

- Ecole Normale Technique de SHYOGWE :

- 1 terrain de Foot-Ball
- 1 terrain de Volley Ball
- 1 terrain de Basket-Ball.

- Petit Séminaire de KABGAYI :

- 3 terrains de Volley-Ball
- 1 terrain de Basket Ball
- 3 terrains de Foot-Ball
- 1 table de Ping Pong usée.

- Collège St Joseph KABGAYI :

- 2 terrains de Volley-ball
- 2 terrains de Basket Ball

- Ecole des Infirmières Accoucheuses : Néant.

..../....

6. Groupe d'animation : - 2 groupes dans le secteur MUSUMBA
- 1 groupe dans le secteur SHYOGWE
- 1 groupe dans le secteur KIVUMU
- 1 groupe dans le secteur MPUSHI
- 1 groupe dans le secteur GITARAMA- GAHOGO

Tous ces groupes sont composés de jeunes et des adultes, sauf pour le secteur SHYOGWE où le groupe est composé de jeunes garçons et filles.

7. Ballet communal : - Lacommune dispose d'un ballet dénommé "IBIREZI N'IBIGEMBE BIKEBA" composé de jeunes artistes.
- La commune dispose également d'un groupe de tambourineurs(11).

8. Centres d'alphabétisations pour jeunes et adultes :
- 15 centres bénévoles
5 centres sociaux de développement.

MOUVEMENT COOPERATIF NYAMABUYE

1971 - 1972 - 1973 : KOPARU - KOIKA, zimeze neza
1974 - 1976 : ABASHYIRAHAMWE (NYERENGA -NYAGISHUBI - RUSHARU), S.J.R. - A.J.C.R.,KODAKI
1977 - 1980 : ABIYEMEJE - INKAZAMUREGO - ABASHYIRAHAMWE (MBUYE - MATSINSI) URUGWIRO COPONYA - ATELIER DE COUTURE .
1981 - 1984 : ABOGEZASUKA - ABAHINZI BOROZI - ABIHUJE - A.J.E.M.U. - COPAMBU - ABATIGAYUBUKE - INTIGANDA - ABADASIGANA - SILO - Coopératif SHYOGWE

IZIKORA NEZA N'ICYO ZIKORA

| | | | |
|---|---|---|---|
| KOPARU | 18 | - UBUHINZI - UBUHASHYI | - RULI |
| KOIKA | 9 | - UBUHINZI - UBUHASHYI | - MPUSHI |
| S.J.R. | 13 | - UBUHINZI - | - TAKWE |
| ABIHUJE | 14 | - UBUHINZI - UBUHASHYI | - KIVUMU |
| ABASHYIRAHAMWE | 10 | -UBUHINZI - UBUHASHYI | - KIVUMU |
| ABAHINZI - BOROZI | 10 | -UBWOROZI | - KIVUMU |
| ABASHYIRAHAMWE - | 10 | - UBUHINZI | - MBUYE. |
| 7 G. | 84 Personnes. | | |

IZIGERAGEZA :

| | | | |
|---|---|---|---|
| - ABASHYIRAHAMWE - RUSHARU | 11 | - Boisement - Agricole | - TAKWE |
| - ABADASIGANA | 10 | - Agriculture | - RWAMARABA |
| - INTERAHAMWE | 33 | - UBUHINZI - Ubuhashyi | - MUNYINYA |
| - INTIGANDA | 12 | - Epargne | - KIVUMU |
| - INKAZAMUREGO | 11 | - Agriculture - Pisciculture | - MPUSHI |
| - ABIYEMEJE | 15 | - " " | MPUSHI |
| 6 G. | 92 Personnes. | | |

..../....

Commune NYAMABUYE (Suite).

Koperative zicumbagira :

| | | | |
|---|---|---|---|
| - KODAKI | 23 | - Ubwubakirane - Ubuhashyi | (KIVUMU) |
| - ABOGEZASUKA | 19 | - Ubuhinzi - Ubuhashyi | (KIVUMU) |
| - COFONYA | 10 | - Ubucuzi | (NYAMABUYE) |
| - Atelier de couture | 20 | Couture | (NYAMABUYE) |
| - Urugwiro | 9 | - Ubuhinzi | (RWAMARABA) |
| - A.J.C.R. | 14 | - Ubuhinzi | (TABWE) |
| - ABASHYIRAHAMWE | 14 | - Ubuhinzi | (MUNYINYA) |

7. G. 469 Personnes

TOTAL = 754 adhérents.

IBINDI BIKORWA : - Buli shyirahamwe lisurwa buli gihembwe iyo bishobotse.
- Amahugurwa (secteurs) mu biruhuko - Inama rusange mu mwaka hagati.
- Inama muli za secteur iyo bishobotse
- Gukora amategeko y'umwihaliko - associations désireuses

INGORANE : - Moyen de déplacement
- Koperative zibwa ntizigire uzikulikiranira ibyazo.

IBYIRUZO : - Nous encadrer
- Participer aux réunions ou visiter les association.

COMMUNE MUKINGI :

Komini MUKINGI igizwe n'amasegiteri 10.
Urubyiruko ruli hagati y'imyaka 10 na 24 ni 6.968. Abatazi gusoma ni 3.401 naho abazi gusoma ni 3.567. Abiga gusoma ni 408 bakaba biga mu bigo 18.

- Amashyirahamwe y'urubyiruko akomeye ni atatu aliyo :
- COMECEMU, ABADOZI BO MU BYIMANA, N'ABANYABUKOLIKOLI, COVAMU. Urundi rubyiruko ruli muli za mutualité,abandi bali mu miryango y'abakuze.
- Amashyirahamwe y'urubyiruko mu byerekeye ubuhinzi ntayo kubera ubutaka buke.
- Buli cyumweru ngomba gusura nibura segiteri 4 nzikangulira ibikorwa by'amajyambere.
- Hali imiryango y'urubyiruko 3 aliyo ABASAVELI, ABAJOKE, n'ABASIKUTI. Mfite ibiro aliko nta bikoresho.
- Buli secteur ifite responsable w'umusore n'uwumukobwa.

2. SPORT : - Hali ibibuga 12 by'umupira w'amaguru, na 5 bya basket-ball na 2 bya hand ball , na bibili bya Volley-Ball.

- Hali ikipe y'umupira w'amaguru n'iya basket, aliko ingorane ni ndende ntagakweto, ntakambaro, uretse gutira, n'imipira nayo ntayo. Buli secteur yifitiye ikipe yayo.

a) Animation : - Hali groupe 10 z'animation ndetse hali na segiteri ifite groupe z'animation 6

b) Folklore : - Hali ballet ya Komini ifite ingorane cyane, itagira agakoresho na

mba.

Commune MUKINGI (suite).

Umuco : - Hali inzu ndangamuco imwe (berekaniramo cinema) n'ibitaramo.

Imikino ngorora ngingo :

- Hali ikipi muli Komini hakaba n'izindi 5 mu masegiteli . Hali n'ikibuga.

Ibiteganwa : - Kubera ko mu byimana hagiye kubakwa centre y'abasikuti hanyuma urubyiruko rukihuguliramo ibyerekeye gucunga imali no gukora kugirango umwaka utaha uzagire icyo ubasigira.

- Gukwiza imipira y'intoki muli buli segiteli kuko bayikunda
- Gushinga comité ishinzwe ibyerekeye sports n'imyidagaduro.

Mouvement Coopératif en Commune MUKINGI

1. Imilimo y'ubuyobozi bwa Koperative yayitangiye 1979.
2. Amashyirahamwe yali muli Komine MUKINGI :
   - Associations pré-coopératives = 5 (havuyemo 1).
   - Associations mutualistes = 1 (ntayo ikiliho).
   - Associations sans but lucratif = 3 (activité y'ubuhinzi ntayo).
3. Amashyirahamwe aliho ubu :
Komini MURAMA ifite abaturage 35.021, ikaba ifite associations 32, mulizo hakaba hali 8 viable zishobora kuzaba Koperative mu myaka ili imbere.

- Komini MURAMA ifite mutualité zo kugulizanya amafranga no guhingirana muli buli cellule.

Ingorane : - Associations zibura aho zikorera bitewe n'ubutaka buke bwa Komini

Koperative ISANGANO : - Umugabo witwa UTUMABAHUTU yayililiye amafranga none kugeza ubu abanyamulyango bacitse intege ntibagitanga imigabane. Icyakora byashyikilijwe ubutegetsi bwo tukaba twifuzaga ko byakulikiranwa ku bulyo bwitaweho.

Koperative KOPAMU : - Yalibwe urubanza rwayo ubu ruli mu rukiko rw'ubujulire i NYABISINDU

Koperative COOPARU : Regie apicole yayemereye imizinga ya kijyambere n'ibindi bikoresho aliko ntabwo biraboneka kandi hubatswe amazu yo kwororeramo 12 akaba anasakaye.

- Kudahemberwa igihe, moyen de déplacement.

Ibiteganwa : - Guhugura abanyamilyango , gushinga associations z'amoko atandukanye no kuvugurura izasenyutse.
- Gushinga Koperativey'abanyeshuli barangiza muli CERAI na C.F.J. umushinga wayo washyikilijwe Ambassade y'abanyamerika dutegereje igisubizo.
- Kwigisha muli C.C.D.F.P.

Encadrement de la Jeunesse commune MUSAMBIRA

1. - Jeunesse déscolarisés : abahungu : 3.909
abakobwa : 3.279
- Jeunesse non scolarisés: abahungu : 1.970
abakobwa : 2.393
bose : 11.451 → 11.551

2. AMASHYIRAHAMWE : 6
abanyamulyango : abahungu : 56
abakobwa : 2
abakuze : 11
bose : 69

- Kubera kubura aho bakorera usanga ayo mashyirahamwe atagenda neza.

3. Kwiga gusoma no kwandika :
- Ibigo : 8, abiga : abahungu : 352
abakobwa : 342
abakuru : 175
bose : 869.

4. Ba responsable d'urubyiruko baratowe hose muli buli secteur na cellule ; twatangiye no kubahugura muli C.C.D.F.P.

..../....

MUSAMBIRA (suite)

Sports : - Ibibuga by'umupira w'amaguru : 6
- Ibibuga by'umupira wa V.B. 2
- Ibibuga by'umupira wa H.B. 2

- Buli segiteri kandi ifite ikipi iyigaharaliye mu by'umupira w'amaguru.

Annimation :

- Buli secteur ubu bafite groupe y'animation zifatanya n'imikino nyarwanda aliko zimwe zatangiye vuba.
Ballet ya Komini irahali igizwe n'ababyinnyi-intore-ikondera n'ingoma
- Nta nzu ndanga-muco tugira
- Imikino ngorora-mubili, hali abaserukira Komini
- Ibiro ntabyo.
- Kubera kubura ubutaka, hateganijwe gushakira urubyiruko ibindi bakora atali uguhinga.

Ibiteganijwe :

- Gukomeza guhugura urubyiruko muli C.C.D.F.P.
- Guteza imbere imikino muli za secteurs
- Gutunganya ibibuga dufite muli Komini

Ingorane :- Kubura aho urubyiruko rukorera kubera amasambu make
- Kubura uko duhuza abakinnyi kuko ikibuga cyiza dukiniraho kili muli Komini NYAMABUYE
- Ibikoresho bijyana n'imikino ntabyo.

Mouvement Coopératif Commune MUSAMBIRA

Population tatale 32.000
Coopératives agréer ntazo
Pré-coopératives zikora neza : - KOPAMARU : iracuruza
- KOPAKOMU : Iracuruza
- COPROAMU : Irahinga kandi ikorora.

Groupements agricoles aliko zose ni izicumbagira :6
Groupements mutualistes : 9 (zirwanya nyakatsi)

Abanyamulyango bali muli coopérative zose ni 918

INGORANE : - Manque de moyen de déplacement
- Nta bureau encadrement ifite yihaliye.

IMIGAMBI : - Gukomeza gushaka abanyamulyango ba silo Coopératif kuko ubu hamaze kwiyandikisha hafi 500 (Financement ; organisme canadien.)
- Gushyigikira za pré-coopératives kugirango zizagere ku buzima-gatozi.
- Gukomeza guhugura abanyamulyango.

C . F . J . KEBERO :

- Ikigo cyatangiye mu mwaka 1979
- Ibikorerwa mu kigo, - Maçonnerie, Menuiserie, Couture, Agri-elevage, Cuisine, Vannerie, tricotage, broderie, sports, cours généraux.
- Effectif : - Umubare w'Urubyiruko urahinduka uli hagati ya 160 na 120 bitewe n'urugendo rurerure.
- Ikigo kandi gifite atelier de couture y'abakobwa iyoborwa n'umwalimukazi watanzwe na Ministeri. Ikigo gifite kandi abanyezamu 2, umwe yatanzwe na Ministeri undi yatanzwe na Komini.

..../....

- Mu banyeshuli navuze harugura bagabanyijemo ibyiciro bitatu, kuko imyaka ihigirwa ali itatu : 1 ère garçons : 23 2 ème garçons : 40 3 ème garçons : 15
1 ère filles : 25 2 ème filles : 35 3 ème filles : 10

- Muli abo bose halimo abiga gusoma no kwandika 23. Muli abo abahungu ni 13 naho abakobwa ni 10.

- Umutungo : - Ikigo gifite umulima ungana na hegitari imwe n'igice (1 ha 1/2).
  - Ubworozi bwo ntabwo buratangira uretse ko tulimo kubwubakira (élevage des poules et lapins).
  - Ku byerekeye amashyamba : tumaze kwiterera ibiti bibazwa 400 muli ino minsi hali hasanzwe ibindi 200 hamwe bikaba ali ibiti 600.

ZONES DE RECRUTEMENT

- Ikigo cy'urubyiruko gihugura abasore n'inkumi baturuka mu makomini akulikira : MUYIRA (BUTARE) TAMBWE (GITARAMA) KIGOMA (GITARAMA) NTYAZO (BUTARE).

- Suivi : - Ikigo cy'urubyiruko rwo mw'i KEBERE cyasanze bitaba byiza kureka urubyiruko ngo rwitabire rwose nyuma y'ihugurwa niho hahise hashyirwaho ateliers ebyili. Iy'ubudozi igenda neza, iy'ububaji igenda icumbagira bitewe no kubura ibikoresho. Iya mbere yakira inkumizirangije mu kigo cyacu itibagiwe n'abarangije kera muli section familiale. Umuyobozikazi w'iyo atelier yakoze uko ashoboye kugirango ahugure n'abandi bali batuye hafi y'ikigo batigeze biga imyuga. Ubu iyo atelier ifite abakobwa 150.

  Atelier y'ububaji yali igizwe n'abasore 7 none kugeza ubu hasigayemo 3, ibyo bite rwa no kubura ibikoresho fatizo kuko kugeza ubu ibyo bakoresha babitizwa n'ikigo ;

- Ingorane : - Kubura abalimu bahagije cyane cyane abakobwa.
  - Kubura ibikoresho by'ibanze muli buli rwego
  - Kubura abantu bahagije bo gukora imilimo y'ubuhinzi
  - Kubura ibikoresho by'ibiro ex : imashini, impapuro.
  - Kubura inkunga mu rwego rw'imikino ex : ballon, filet etc.....
  - Kubura isoko cyane cyane ku bakobwa
  - Kubura icyakorohereza umuyobozi w'ikigo urugendo

- Imigambi : - Tuzihatira kujijura urubyiruko cyane cyane mu rwego rwo gusoma no kwandika.
  - Imyuga izatezwa imbere kugirango urubyiruko ruzarusheho kwitunga mu gihe kizaza.
  - Umuyobozi w'ikigo azihatira guhura n'abagiraneza kugirango imfashanyo ziyongere.
  - Ubworozi butaratangira buzagerwaho.

C . F . J . SHYOGWE :

1° - Date de démarrage : 1976 reprenant toute la concession de Monsieur GENGOUX.
2° - Activités : 3 sections : Maçonnerie, Menuiseri, Couture, Agri-élevage , cordonnerie, civisme, gestion-coopératives, arts ménagers.

3° - Effectif 1984-1985 :

| | 1 ère | 2 ème | total |
|---|---|---|---|
| Maçonnerie | 34 | 34 | 68 |
| Menuiserie | 31 | 27 | 58 |
| Couture | 22 | 16 | 38 |
| TOTAL | 87 | 77 | 164 |

4° - Personnel : 1 instructeur menuisier, 2 instructeurs maçon, 2 instructeurs tailleuses 1 instructeur cordonnier, 1 secrétaire comptable, 1 instructeur généraliste, 2 veilleurs, 1 agronome, 1 directeur du Centre.

5° - Patrimoine de centre : Toute la concession de Monsieur GENGOUX, 77 ha répartie en deux dont 48 ha qui comprennent le siège administratif du centre : toutes les maisons, bien que trop vieilles, boisement d'eucalyptus, champs de caféiers, d'arbres fruitiers et de plantes vivrières et fourragères.
Et une autre partie sise à MBARI qui comprent 3,5 ha de quinquina, un pâturage et de bois

..../....

C.F.J. SHYOGWE(Suite)

6° - Zone d'activité : - Communes NYAMABUYE, MUKINGI, TAMBWE et MUSHUBATI.

7° - Suivi : - Sensibilisation des parents des jeunes pour qu'ils aident leur enfants à créer des groupements où ils pratiquent les métiers appris au centre.

- Possibilités de donner une parcelle sis à MBARI pour en faire une coopérative agricole, d'élevage et même un atelier de menuiserie ou de couture.

- Nous attendons la décision des autorités communale pour démarrer.

8° - Difficultés rencontrés :

- Manque de matériel technique : ciment, sables, etc......
- Matériel usagé non renouvelé.
- Absence d'une machine à écrire et d'un moyen de déplacement pour faciliter le suivi des jeunes et rencontres de service.
- Absence de terrains de sports
- Maisons trop vieilles et les jeunes ne sont pas à mesure de les réparer car trop compliqué et nécessitent des gens expérimentés et un fond approprié.
- Absence du repas de midi pour les jeunes
- Difficulté d'entretenir le quinquina sis à MBARI car trop éloigné du centre (1 heure de marche à pieds).
- Manque de marché où écouler les produits de couture et de menuiserie.

9° - Programme et projets d'avenir :

- Dans le domaine agricole : Entretenir les plantations déjà existants Parceller les champs et lutter contre l'érosion Renouveler le boisement trop vieux et mal entretenu Entretenir le quinquina grâce aux militants de la région qui y plantent les patates douces.

- Dans le domaine d'élevage : Entretenir convenablement la porcherie et l'hebergerie. Lancer l'élevage des volailles, la maison est déjà construit.

- Dans le domaine artisanal : fabriquer des objets vendable en milieu rural aussi bien en ménuiserie, cordonnerie, couture etc...... Créer un atelier de couture et de ménuiserie pour faciliter le suivi des jeunes après leur formation.

- Dans le domaine de sport : entraîner les jeunes à differérentes disciplines faire une compétition interscolaire : CERAI et C.F.J. envirronants le centre.

C F J MPANDA :

Yatangiye muli 1972, ili muli Komini MUKINGI, secteur GITEGA, cellule MPANDA (68 ha).

Abanyeshuli ni 82 b'abahungu : 1ère : 50, 2 ème 22.

Personnel : - abalimu 3 n'umuyobozi wikigo wa 4
- Uwigisha kubaka, uwigisha kubaza n'uwigisha kudoda.
- Abanyezamu b'ijoro 2.

Komini MUKINGI yohereza Encadreur w'Urubyiruko na Encadreur wa za Koperative bagatanga cours za civisme na Mouvement Coopératif.

Activités : - Ubuhinzi : imboga z'amoko menshi, ibijumba, imyumbati, ibirayi, soja, ibigoli, ibihwagali, n'ibindi.....
Ubuhinzi bw'imbuto zilibwa : avocatiers, goyaviers, ananas,
Amashyamba : inturusu, cyprès, grévéléa.
Ubudozi n'ububaji n'ubwubatsi, tubumba n'amatafili
Ubworozi bw'inzuki, n'ubw'inka.

Inyigisho rusange na sports na animation.

Zone d'action : Komini MUKINGI - NYAMABUYE - MUSHUBATI.

G . F . J . MPANDA (suite)

Suivi : - Duteganya kuzubaka atelier coopératif izabumba abazarangiza muli CFJ, kuko twasabye Ministeri imfashanyo.

- Dukorana inama na ba Encadreurs ba MUKINGI, NYAMABUYE na MUSHUBATI kugirango abana 45 barangije bazakore za Koperative.

Ingorane :- Kubura ciment n'amabati byo kubaka atelier y'ububaji nshya.
- Umwalimu w'Ubuhinzi
- Imashini yo kwandika n'uwayandikisha
- Gusana no kuvugurura kuko inzu zishaje.
- Drainage y'igishanga cya MIGURAMO;

Imigambi :- Gushaka uko ingorane navuze haruguru zabonerwa ibisubizo
- Gutegura umwaka witiliwe uw'urubyiruko kw'isi yose mu marushanwa y'ubuhinzi ubworozi na animation.
- Gukulikirana umushinga wa Electrogaz wemeye kuduha amazi n'umuliro.

Umutungo :- Umutungo w'ikigo uturuka mubyo abanyeshuli bahinga, mubyo babaza no mubyo badoda, kandi batanga n'amafaranga y'ishuli igihumbi ku mwaka.
- Dufite amasanduku 3 mu kigo
a) Iy'ikigo bwite
b) Iy'umuganda
c) iy'amafranga y'ishuli.

- Umwanya wo gusobanura imilimo buli wese ashinzwe urangiye, Encadreur Régional yagejeje kuli ba Encadreurs imilimo bashinzwe, ali uwa Koperative cyangwa uw' Urubyiruko n'imikino. Abasaba ko bakwiye gukorana ntihagire uvunisha undi, buli wese akita ku kazi ke. Yababajije aho bahulira muli za groupements abamenyesha ko encadreur w'urubyiruko mu mashyirahamwe akwiye kuyibandaho nkuko yali asanzwe abigenza. Iyo ishyirahamwe limaze gukura limaze kugira amategeko aligenga, icyo gihe akalishyikiliza Encadreur w a za Koperative aliko buli gihe asabwe inama akunganira abanyamulyango. Yunzemo abamenyeshako mu gihe ntayandi mabwiliza Ministeri iratanga, yerekeranye n'imilimo ya ba encadreurs, ali uw'Urubyiruko n'imikino, n'uwa za Koperative, bagomba gukora uko bali basanzwe aliko bakiminjiramo agafu, bagakorana umurego akazi kabo, ndetse bakarangwa n'ubwumvikane mu kazi kabo. Encadreur Régional yunzemo avuga ko ishyirahamwe ly'urubyiruko, encadreur w'Urubyiruko mu ntangiliro akwiye kulirera hafi imyaka ibili.

Yakomeje avuga ko iyo limaze kubona amategeko aligenga, icyo gihe raporo y'iryo shyirahamwe Encadreur wa za Koperative aliwe waligenzura, kandi akanalitangaho raporo.

Hakulikiyeho umwanya wo gutegura igihe irushanwa ly'imikino gakondo lizatangirira. Dore uko Programu yateguwe :

| | | |
|---|---|---|
| 1. MURAMA | : | Le 27/11/1984 |
| 2. NYAKABANDA | : | Le 21/12/1984 |
| 3. NYABIKENKE | : | Le 20/12/1984 |
| 4. MUKINGI | : | Le 21/12/1984 |
| 5. MASANGO | : | Le 20/12/1984 |
| 6. NTONGWE | : | Le 27/12/1984 |
| 7. KAYENZI | : | Le 26/12/1984 |
| 8. RUNDA | : | Le 22/12/1984 |
| 9. BULINGA | : | Le 27/12/1984 |
| 10. RUTOBWE | : | Le 15/12/1984 |
| 11. TAMBWE | : | Le 27/12/1984 |
| 12. MUSHUBATI | : | Le 19/12/1984 |
| 13. TABA | : | Le 24/12/1984 |
| 14. MUGINA | : | Le 28/12/1984 |
| 15. MUSAMBIRA | : | Le 26/12/1984 |
| 16. KIGOMA | : | Bararangije |
| 17. NYAMABUYE | : | Encadreur yavuze ko azamenyesha itaLiki. |

...... mu nama basabye yuko iyo programu ; Encadreur Régional yakwandikira Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative abimumenyesha kugirango Ministeri izohereze intumwa 20 gukulikirana ayo marushanwa.

...../.....

- Hakulikiyeho umwanya w'ibibazo, ugasanga ba Encadreurs bafite ingorane hagati ya ba conseillers na ba cellules. Encadreur Régional yabamenyesheje ko buli gihe iyo Encadreur yandikiye conseiller, ibaruwa agomba kuyinyuza kuli Burgumestri, kugirango haramutse habaye amakimbirane, ubutegetsi bwa Komini bube buzi inkomoko yayo makimbirane, n'akazi kamugenzaga. Ikindi kibazo cyakunze kuboneka n'imanza z'abaligisa umutungo mu ma Koperative no mu mashyirahamwe, Encadreur Régional abizeza yuko ubu abo bantu bahagurukiwe, ko ibibazo byose byerekeranye n'inyereza ly'umutungo igenzura lirangiye bazajya bashyikiliza inkiko. Yongeye kwibutsa ba Encadreurs b'urubyiruko, uko bakwiye gufatanya na ba Diregiteri b'ibigo by'Urubyiruko ; babafasha mu gushakisha abanyeshuli, no kubakulikirana ku misozi, barangije kwiga. Icyo gihe iyo barangije kwiga, encadreur akwiye kubagera akabagezaho uburyo bw'ubufatanye bukwiranye n'akarere. Yungamo ababwira yuko mu gihe Diregiteri afite ikibazo kireba ba Encadreurs akwiye kubandikira, bakamwunganira mu milimo y'ikigo.

Umwanya w'ibibazo urangiye, encadreur Régional yasabye ba Encadreurs kujya bohereza za raporo zose zibagomba, bakazohereza igihe, ntibazitindane. Yibutsa ba Encadreurs ba za Koperative ko raporo y'umwaka igomba kuba yageze muli Encadrement mbere y'italiki ya 15/11/1984. Naho ba encadreurs b'urubyiruko ko raporo y'igihembwe cya kane, igomba nayo kuba yageze muli Encadrement mbere y'italiki ya 27/12/1984. Asaba ba encadreurs b'urubyiruko batijwe ibikoresho bya sports, ko bakwiye kubitirura vuba, kugirango abandi babitira babibone.

Inama yarangiye saa cumi n'igice (16 h 30').

UMWANDITSI W'INAMA :

KALIMWABO Fidèle
Encadreur Régional Adjoint

UMUYOBOZI W'INAMA :

KALISA Alphonse
Encadreur Régional.-

**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAYOBOZI BA ZA KOPERATIVE N'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO N'IMIKINO MULI PREFEGITURA GITARAMA YABAYE KUWA 06/11/1984.**

Iyo nama yatangiye imilimo yayo saa yine (10h) ibera mu nzu y'inama ya Prefegitura ya GITARAMA.

**ABALI MU NAMA :**

1. KURAZIKUBONE Joseph , Directeur de la Jeunesse et Formation muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ali nawe muyobozi w'inama.
2. TWAGIRAYEZU Emmanuel, Chef de Division Sports muli MIJEUCOOP
3. BIKINDI Simon, Fonctionnaire du MIJEUCOOP
4. NIYOKINDI Agnés, Fonctionnaire du MIJEUCOOP
5. KALISA Alphonse, Encadreur Régional w'Urubyiruko na za Koperatives
6. KALIWABO Fidèle, Encadreur Régional Adjoint w'Urubyiruko na za Koperative
7. KANYANDEKWE Emili, Encadreur S/Régional w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Préfecture KIYUMBA
8. ZIMULINDA Siméon, Encadreur S/Régional w'Urubyiruko na za Koperative muli S/Préfecture RUHANGO

| | | | |
|---|---|---|---|
| 9. NDIKUMANA Josesph | Directeur wa C.F.J. | MPANDA | |
| 10. MURENGERANTWALI Félicien | Directeur wa C.F.J. | SHYOGWE | |
| 11. NZABAKILIHO Valens | Directeur wa C.F.J. | KEBERO | |
| 12. MPAMBARA Callixte | Encacoop | Commune | NTONGWE |
| 13. GAKUBA Evaliste | " | " | KIGOMA |
| 14. NZABALINDA J.M.Vianney | " | " | KAYENZI |
| 15. KWIGIRA Innocent | " | " | MUSAMBIRA |
| 16. MUNYANTARAMA Léonidas | " | " | MASANGO |
| 17. NSABIMANA Innocent | " | " | NYAMABUYE |
| 18. MBASHIMIYUMUREMYI Daniel | " | " | MURAMA |
| 19. NDAGIJIMANA Laurent | " | " | RUTOBWE |
| 20. MURASIRA Gérard | " | " | MUKINGI |
| 21. MUSABIMANA Prosper | Encajenesports | Commune | KAYENZI |
| 22. MULIGO Valens | " | " | TABA |
| 23. MUNYANSANGA Barnabé | " | " | MUSHUBATI |
| 24. MUVUNANKIKO Emmanuel | " | " | MUGINA |
| 25. MUTABAZI André | " | " | MURAMA |
| 26. HABIMANA Dominique | " | " | NTONGWE |
| 27. NSABIMANA Daniel | " | " | KIGOMA |
| 28. MUNYAWERA Damien | " | " | TAMBWE |

..../....

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 29. | NZAYISENGA Justin | Encajeunesports | Commune | RUNDA |
| 30. | NYAMINANI Edouard | " | " | MUKINGI |
| 31. | HALINDINTWALI Aphrodise | " | " | BULINGA |
| 32. | NDAYAGE Damien | " | " | NYABIKENKE |
| 33. | MUNYANKINDI Landoard | " | " | NYAMABUYE |
| 34. | MPABONYE Pamphile | Inspecteur Adjoint d'arrondissement | | GITARAMA. |

IBYALI KU MURONGO W'IBYIGWA :

1. Kurebera hamwe uko umwaka utaha w'Urubyiruko kw'isi hose wategurwa
2. D I V E R S.

Inama yatangijwe n'ijambo ly'umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Prefegitura GITARAMA, abanza kwerekana intumwa zali zaturutse muli Minisiteri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Birangiye Militant Kurazikubone Joseph, Directeur muli Minisiteri yafashe ijambo, ashimira abaje mu nama kuba bahagereye igihe. Yakomeje abibutsa ko umulyango w'abibumbye (O.N.U.) wifuje ko umwaka utaha w'1985 wakwitilirwa urubyiruko kw'isi hose, ati uwo mwaka ufite intego eshatu alizo "GUFATANYA, AMAHORO, AMAJYAMBERE. Ati muzi mwese ko urubyiruko alirwo rwanda rw'ejo, nitwe rero dukwiye kurutegura, cyane cyane turwibutsa ko amahoro ali ngombwa mu bintu byose.

Yakomeje avuga ko icyabazanye cyane cyane ali ukugirango bibukiranye . ibyerekeranye n'uwo mwaka w'urubyiruko. Ati hali amabwiliza yagiye ava muli Minisiteri amwe mwarayabonye. Yakomeje avuga ko iwacu mu Rwanda twali dukwiye gushyigikira kurushaho za Groupements ziliho, ntitwibagirwe kandi n'urubyiruko ruli muli za Centre de formation (C.F.J.) Ati uwo mwaka wali ukwiye kuzadusigira urwibutso, mbega ugasiga hali icyo urubyiruko rwacu rwungutse. Ati ibyo byose bizagerwaho ali twe, ali mwe biturutseho, nimwe mwegeranye narwo, nimwe rushinzwe bwa mbere.

Yakomeje yibutsa ko mu bizakorwa byose gushyigikira amahoro ali ngombwa cyane, ati iyo ibintu bilimo amahoro, ubufatanye nabwo bulizana. Ubwo hakulikiyeho gusomera abali mu nama inyandiko yateguwe na Minisiteri ivuga iby'uliya mwaka uzaba ali uw'urubyiruko.

Birangiye Militant Directeur yakomeje agira ati "Ni nk'amahirwe kubona ziliya ntego z'umwaka w'urubyiruko ali ntaho zitaniye n'iza Guvernement yacu ishingiyeho, ati zikwiye rero guhuzwa na politiki y'igihugu cyacu. Yibukije ko dukwiye cyane cyane kurwana ku muco wacu nyarwanda ntukendere, umunyarwanda akaba afite umuco we umuranga.

Yakomeje avuga ko mu kwizihiza uliya mwaka, hali amarushanwa yateganijwe mu Rwanda akazaba yerekeye :

UBUHINZI, UBWOROZI, N'UBUKOLIKOLI.

Yibukije ba Encadreurs ko bagombye kuba baratangiye kuvangura mu mashyirahamwe bafite, 6 ashobotse, nyuma nayo akazavanwamo atatu azajya mw'irushanwa.

..../....

- Ati hali na none irushanwa mu mikino nyarwanda, ndetse n'imikino gakondo. Yavuze ko hali n'amarushanwa muli "Sports, mu ndilimbo no mu bwanditsi". Yakomeje asobanura ibyerekeye irushanwa mu ndilimbo, avuga ko izizaba iza mbere zizanyura kuli radio zamamaza nyine umwaka w'Urubyiruko. Ubwo hakulikiyeho gusomera abali mu nama ibyerekeranye n'ibitekerezo nyobozi by'abahimbyi.

- Directeur yahaye ijambo umwe mu bo bali bazanye asobanura ibyerekeranye n'animation. Mu kubisobanura yavuze ko irushanwa ly'imikino nyarwanda lyahera muli za Secteurs, ati hazabanza amarushanwa hagati ya za secteurs, bityo buli muntu wese wiyumvamo ubuhanga ashobore kulijyamo.

- Yakomeje avuga ko muli za Secteurs haba hali abantu benshi b'abahanga aliko ntibabasha kumenyekana, ati bibaye kurwego rwa secteurs ntacyababuza kujyamo. Yavuze ko itorero lizaba ilya mbere muli Secteur atalilyo lizaserukira Komini. Yibukije nanone ko niba muli secteur cyangwa Komini iyi n'iyi hali itorero ly' intore cyangwa abakaraza, aliko likaba ligizwe n'abantu bakuze litakwenererwa. Ati ahubwo mulibo haziveramo umwe yigishe abana alibo baza kurushanwa.

- Yibukije ko itorero ligomba kugira abantu 70, ati bashobora kuba hasi yabo aliko ntibagomba kurenga. Yabwiye abali mu nama ko ubu igihugu cyacu gifite Ballet National y'abantu bakuru (URUKEREREZA) ati Ministeri yifuza ko hashyirwaho Ballet National y'abana. Ibyo bikazagerwaho bifashishije ayo marushanwa azabera muli za secteurs, hakazatoranwamo abasore, n'inkumi bafite ubushobozi bakarema ballet National (Junior)"INDANGAMIRWA"

- Yabwiye abali mu nama ko bakwihutira kugeza k'umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Prefegitura uko batangiye kwitegura uwo mwaka, nawe akihutira kubigeza muli Ministeri. Bityo Ministeri nayo ikabona aho ihera yohereza intumwa zayo mu makomini.

- Birangiye, umwe mu bali bavuye i KIGALI yakomeje asobanura ibyerekeye Sports. Ati muli sports hali ATHLETISME N'ISIGANWA LY'AMAGARE. Yavuze ko muli athlétisme amakomini azazana abakinnyi batoranijwe bakajya i KIGALI bagahura n'andi makomini, ati nyuma hazaba ilindi rushanwa lizahuza urubyiruko rwose, rwaba Abasilikare, abanyeshuli (Université) n'abandi. Ati muli athlétisme kandi ntabwo hazakorwa Discipline icumi nk'uko byali bisanzwe, ati biziyongera nubwo halimo zimwe zitali.zizwi aliko nibuze twahera aho tuzimenya. Izo Discipline ni : kwiruka m 100, 200, 400, 800, 1500, 3000, 5000 na m 10000. Hali kandi no gutera Disque, poids, javelot, saut en hauteur, longeur, na Perche ku bahungu gusa.

- Yakomeje avuga ko course y'amagare izaba ku rwego rwa Prefegitura, ati hali kandi na Course populaire izaba ku rwego rwa Komini. Ku byerekeye course populaire Ministeri izageza kuli ba Encadreur ba za Komini amabwiliza azakulikizwa.

Ibyo birangiye Militant Directeur yongeyeho ko muli iyo course populaire, abantu bakuru badahejwe.

...../.....

IBIBAZO :

1. Encajeunesports NYABIKENKE yabajije ko ku byerekeye imikino gakondo na Animation atabyumvise neza. Bamubwiye ko imikino gakondo ishakwa li ; Imbyino intore, abakaraza n'abacuranzi. Yibutsa ko abantu ba kera alibo bazi ibintu gakondo, ati bakwiye rero gushaka ukuntu bakwigisha urubyiruko rutabizi.

2. Directeur wa C.F.J. SHYOGWE yabajije niba muli concours musical, abantu bakuze bahejwe muli iyo concours. Militant Directeur yashubije ko ilyo rushanwa abantu bose balituriwemo.

3. Encadreur Régional yavuze ko hali benshi bibaza ngo urubyiruko ninde ? ati hali nk'umwana ufite imyaka 16 akaba yarabyaye n'undi ufite 24 aliko akili ingaragu. Abantu rero bakibaza icyo kibazo. Militant Directeur yamushubije ko icyo gihe bareba ubushobozi bw'umuntu ati niba umwana yarabyaye ali muto aliko afite ubushobozi ubu n'ubu ntacyamubuza kujya mu rubyiruko. Yibukije ko Ministeri y'urubyiruko ireba ahanini urubyiruko ruli hagati y'imyaka 10 na 24.

4. Encajeunesports MURAMA yabajije niba nta kuntu Ministeri yabigenze uliya mwaka w'Urubyiruko ukizihizwa no ku rwego rwa Komini. Militant Directeur yamushubije ko niba muli Komini iyi n'iyi bumvikana bagashobora gushyira hamwe babikora, aliko bidashobotse Ministeri ntabwo yabyivangamo.

5. Encadreur S/Régional RUHANGO yabajije niba nta kuntu bababonera ibikoresho by'athlétisme, ati ubwira umuntu ngo natere javelot ataligeze ayibona bikamugora cyane, bityo bigatuma nta bakinnyi bashobotse bagira.

Militant Directeur yakomeje avuga ko Ba Inspecteur d'arrondissement basabwe ko mu mwaka w'urubyiruko, bakoresha nibuze urubyiruko bashinzwe twa concours de dessin.

IBYIFUZO:

- Encadreur S/Régional KIYUMBA yifuje ko haba Sensibilisation, cyane cyane ba Bourgmestre. Aha yifuzaga ko Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yakwandikira Prefe agakoresha inama ba Agronome n'abandi bose barebwa ahanini n'uliya mwaka w'urubyiruko.

- Yifuje nanone ko calendali y'uliya mwaka w'urubyiruko yahabwa ba encadreurs bose, bityo bakaba bazi icyo bagomba gukora igihe iki n'iki.

- Ku byerekeye Sensibilisation, Militant Directeur yavuze ko hali seminaire ya ba Bourgmestre yabereye i BUTARE, intumwa za MIJEUCOOP zagiyeyo gusobanura byinshi ibyerekeranye n'uliya mwaka w'Urubyiruko, ati hali kandi na none inama ba Bourgmestre bagiranye na Ministre w'Urubyiruko. Ati Burgumestri utazabikulikiza muko azaba atabishatse.

- Militant Directeur yakomeje avuga ko ba Encadreur bali bakwiye kujya bibuka urubyiruko ruli muli za C.F.J. bakagirana ibiganiro na ba Directeurs byibyo bigo kuko abo barera alibo bazarema amashyirahamwe areba na ba Encadreurs nyine mu minsi ili imbere. Yakomeje ashohera abali mu nama ibyerekeranye n' irushanwa ly'ubuhinzi n'ubworozi, birangiye yifuje ko ba Encadreur b'Urubyiruko umwe umwe yagenda avuga muli make aho ageze ategura uwmwaka utaha w'Urubyiruko.

1. Encadreur NYAMABUYE :

- Yavuze ko hali amashyirahamwe 12 . Ati aliko ayarobanuwe akora neza ni 4 gusa. aliyo : 1. Ass. des jeunes KAGARAMA (TAKWE)
  2. Atelier de Couture NYAMABUYE (NYAMABUYE)
  3. Ass. ABIHUJE -GASENYI (KIVUMU)
  4. Briqueterie des jeunes NYAKIBUNGIRE (MUSUMBA).
- Kwigisha gusoma no kwandika hali ibigo 15 n'ibindi 5 (C.S.D). kwigisha gusoma rero bikaba bigikomeza.

- Amatorero ya animation na Folklore 5 ali muli secteur MUSUMBA, KIVUMU, SHYOGWE, GITARAMA na MUSHI, hali n'itorero ly'intore ligize ballet ya commune lili i SHYOGWE, n'abakaraza bato (Jeunes).

- Inikino ngorora mubili yatangiye gukorwa, amashuli nayo alimo, hazajya haba irushanwa buli gihembwe.

- Inikino gakondo - nyarwanda ubu muli za Secteur balitoza. Turateganya irushanwa. Mu kujijura urubyiruko hali abanyeshubi bo mu mashuli yisumbuye bigisha abandi mu biruhuko.

Commune MUSHUBATI :

- Mw'irushanwa ly'imbyino n'incurango hali amatorero y'abahungu n'abakobwa.
- Mw'irushanwa ly'intore hali secteur 3, tuzatoramo imwe izaserukira Komini.
- Hali n'abakaraza bitoza bihagije.
- Animation nayo ntabwo yibagiranye. Mw'irushanwa ly'amashyirahamwe azajya mw'irushanwa hali :

1. ABATISHANA, Secteur GIKONGERO
2. ABADACOGORA, Secteur KIRAMA
3. KOFUNYA , Secteur MWAKA
4. KOBUNYA, Secteur MWAKA
5. Ass. ibaza, Secteur GIKONGERO
6? Ass. des jeunes filles de GIKONGERO.

- Ku byerekeye Athlétisme nabyo birakorwa.
- Kwigisha gusoma no kwandika ntibyibagiranye. Ubu bikorwa tubifashijwemo n'abihaye imana na C.C.D.F.P.

Commune MASANGO :

a) - Ku byerekeye amashyirahamwe azajya mw'irushanwa hatoranijwe :
   1. COMEKA - KANYINYA - Menuiserie
   2. ABAKOMEZARUHIMBI - NYUNZWE - Artisanat + Agri.
   3. ABADACOGORA - NYAGISENYI - Agriculture
   4. J.O.C. KABILIZI - KABILIZI - Briqueterie - Tuilerie
   5. C.F.J. - KABUGA - AGRI - Maçonnerie - Menuiserie.
   6. C.E.R.A.I. - KARAMBI - AGRI - ELEVAGE - Maçonnerie.

b) FOLKLORE : - Hali intore zili mu nyitozo
- Urubyiruko ruvuza ingoma
- Ballet communal ilimo urubyiruko rwinshi tuzarobanura.
-

c) GUSOMA NO KWANDIKA : - Hali ibigo birenga 50 byigisha gusoma no kwandika

d) Athlétisme : - Hali abarobanuwe mbere, muli Discipline zose.

Commune MURAMA

a) Alphabétisation : - hali ibigo 48 byigisha gusoma no kwandika
- hali na C.E.D. 3.

b) Sports + Athlétisme: - Hali irushanwa ly'amasigiteli lyabaye n'ilindi lizaba mu kwezi kwa 12/84. Hali igroupe ihoraho ayo marushanwa aba kugirango iyo groupe yongerwe.

c) Folklore : - Komini ifite umutwe w'intore, abakaraza, abacuranzi n'ababyinnyi.

d) Associations:- Hali amashyirahamwe 2 azajya mw'irushanwa, aliyo :
1. C'O P A N na C O D E A D
- Hali kandi na C.P.J., C.E.R.A.I na C.S.D. NKOMERO.

COMMUNE KIGOMA :

a) Amashyirahamwe azajya mw'irushanwa ni
1. COTRAMAKI, Secteur BUTARE
2. ABAJYAMUGAMBI.

b) Alphabétisation : Hali ibigo byigisha urubyiruko gusoma no kwandika 32 n'abalimu 62.

..../....

- Habaye irushanwa ku rwego rwa Komini, ababaye aba mbere bongereye urubare w'abagize ballet igizwe n'abakobwa, intore, n'abakaraza.

c) Athletisme : Hali ikipi y'abakinnyi ihoraho yitoza buli gihe.

Commune NTONGWE :

a) Alphabétisation : - Hali abalimu 32 bigisha gusoma no kwandika bahembwa na eglise adventiste.

b) Imikino gakondo : - Segiteri zose zilitoza, hakaba hazaba irushanwa mu minsi ili imbere.

c) Imikino ngorora mubili : - Hali ikipi ihoraho yarobanuwe.

d) Amashyirahamwe : azajya mw'irushanwa ni
1. Ajeki - ACAJERU - AJEGI . Hali kandi na C.F.J. yo mw'i KEBERO na atelier y'abakobwa ili mw'i KEBERO.

Commune MUGINA :

- Ubu urubyiruko rurahugurwa muli za C.C.D.F.P.
- Amarushanwa y'animation mu banyeshuli
- Championnat de F.B. mu masegiteri

a) Alphabétisation : - hali ibigo 4 byigisha gusoma no kwandika na C.S.D. 2 muli paroisse.

b) Folklore : - Buli secteur ifite itorero ly'animation, hakaba kandi na ballet communal.

c) Amashyirahamwe : - hali coopératives 3 na Pré-coopérative 1 hali na FECOJAMU, INTIGANDA.

Commune RUNDA :

a) Amashyirahamwe yatoranijwe : - SACRERU - CARGJAMU - P.C.J.P.A.E.R.

b) Athlétisme : - irushanwa liteganijwe mu kwezi gutaha.

c) Folklore : - buli secteur ifite itorero, irushanwa lizaba m'ukuboza 1984.
- Ballet communal nayo izajya mw'irushanwa.

d) Alphabétisation : - hali ibigo 6 by'amadini
- hali ibindi 6 bya C.S.D.

Commune TAMA :

AMAshyirahamwe azajya mw'irushanwa :
- COOPAECOTA - COJEUMBI - C.C.P.J.P.F.K.

b) Athlétisme : - Hakozwe irushanwa mu masegiteri yose no ku rwego rwa komini ubu hakaba hali ikipi yitoza buli gihe

c) Imikino nyarwanda : - Segiteli zilitozaŋ hazaba irushanwa havamweno abahanga bazunganira ballet ya Komini.

d) Alphabétisation - Hali ibigo 24 byigisha gusoma no kwandika, C.S.D. n'abandi bigishwa kuli za centre z'amashuli.

e) sports : Irakorwa ku bulyo komini taba yabaye iya kabili muli GITARAMA.

Commune KAYENZI :

a) Cadre bénévole : - buli secteur na cellule ifite abantu bihugura buli gihe muli C.C.D.F.P., bakajya kwigisha bagenzi babo.

b) Alphabétisation : - hali ibigo 7 byigisha gusoma no kwandika, 3 by'amadini na 4 by'ibigo bitsura amajyambere.

..../....

Commune KAYENZI (Suite)

c) Amashyirahamwe azajya mw'irushanwa ni
- SOJEKI - AJEMUMA - ABATERANINKUNGA.
- Hali kandi na C.E.R.A.I na C.S.D. ya paroisse.

d) Animation : - habaye irushanwa mu rwego rwa secteur, ubu muli buli secteur hali itorero ly'animation. Hali kandi na ballet ya Komini igizwe n'intore, ingoma n'ikondera.

e) Athlétisme : Habaye irushanwa, hakaba kandi hali itorero lyitoza kabili mu kwezi ubu hateganijwe ilindi rushanwa mu masegiteli mu kwezi gutaha.

Commune RUTOBWE :

a) Kwigisha gusoma no kwandika, Komini ifite C.A. 12, na C.S.D. 2, zigamo abasore n'inkumi 959.

b) Imikino gakondo, hazakorwa irushanwa mu mwaka utaha, hali n'itorero lya Komini lisanzwe.

c) Amashyirahamwe : ayatoranijwe ni
- ASOFIGA Ikora imitako
- COSECUKA Ihinga ikanacuruza. Hali kandi na CERAI SHYANDA na CERAI CYEZA. Hateganijwe gukoresha irushanwa mu mikino ngorora-ngingo, mu mikino nyarwanda muli buli segiteli.

Commune NYABIKENKE :

a) Alphabétisation : - hali ibigo bilindwi byigisha gusoma no kwandika, na C.S.D. 4.
- Amashyirahamwe azajya mw'irushanwa ni : ABADACOGORA - J.O.C. KABACUZI - CERAI KABACUZI CERAI KANYANZA - CERAI MUGEYO.

- Mu kwezi kwa 12/1984 hateganijwe irushanwa ly'athlétisme muli za secteur.
- Hateganijwe irushanwa ly'umupira w'amaguru muli segiteri.
- Ballet ya Komini ntiyuzuye, habuzemo intore abakaraza, uretse ko ubu Komini yatumije ingoma.

Commune BULINGA :

a) Kwigisha gusoma no kwandika : - Hali ibigo 12 bilimo urubyiruko 657 n'ibigo by'abihaye imana 5. Hali iby'abadventise 3 C.C.D.F.P. imwe na C.S.D. 3.

b) Amashyirahamwe azarushanwa ni : - ABACEKA - ACOUPJEBU. Hali kandi na CERAI BURAMBA na CERAI MUSHISHIRO.

c) Imikino ya kinyarwanda : - hazakorwa irushanwa mu rwego rwa secteur mu kwezi gutaha.

d) Imikino ngorora mubili : - hali ikipi isanzwe aliko hateganijwe irushanwa mu kwezi kwa 12/1984.

- Ba Encadreur bose barangije umwe, umwe kuvuga uko yiteguye umwaka w'urubyiruko, ba Directeurs ba za C.F.J. nabo basobanuye muli make uko biteguye umwaka w'Urubyiruko.

C.F.J. SHYOGWE :

Harushijeho gutunganya inyigisho zihabwa urubyiruko alizo, UBUHINZI, UBWOROZI, UBUBAJI, UBWUBATSI, UBUDOZI n'ibindi.

a) UBUHINZI : - Hacukuwe imilingoti ku milima yose haterwa ibyatsi, kugirango turwanye isuli.

- Mu kwitegura irushanwa kandi twahinze bimwe mu bihingwa ngandura rugo. Ntitwibagiwe n'ikawa, inanasi, n'ibiti byera imbuto zilibwa.

- Twateye ibiti bya cyprès 3.000 birenga.

b) UBWOROZI : - Horowe ingurube n'ihene, cyakoze kubera ibilibwa bike, ingurube zaragabanijwe . Ubu barateganya kwongera ihene. ndetse no korora inkoko kuko inzu yazo yuzuye.

c) IMYUGA : - Mu kwigisha abanyshuli imyuga , hakozwe ibintu bishobora kugulishilizwa mu cyaro. Mu bubaji : hakozwe intebe, ameza, n'ibindi byagulishwa bidahenda.

- Mu budozi :hadozwe imyenda y'abana, amajipo, amashati n'ibindi.

- Muli cordonnerie na Maroquennerie : harateganwa kuzadoda udukapu, udukweto, imikandara n'ibindi.

d) Sports na animation :

Abanyeshuli bigishwa sports zose, na animation. yaravuguruwe. Ubu harahagurwa ibibuga by'umupira.

e) Alphabétisation :

- Hali abanyeshuli 16 batazi gusoma no kwandika bigishwa 2 mu cyumweru.

C.F.J. [illegible].

Mu kwitegura umwaka w'urubyiruko, C.F.J. [illegible] yiteguye kuzakora amarushanwa mu BUHINZI, UBWOROZI n'ANIMATION.

a) UBUHINZI : - Ubu hahinzwe cyane ibihingwa ngandura rugo by'amoko menshi. hali n'ibindi byahinzwe nka TOURNESOL, SOYA n'ibiti byera imbuto zilibwa.

- Hatewe kandi na cyprès ku ruzitiro rw'ikigo. Hateganijwe kuzatera inturusu ku musozi wa [illegible].

b) UBWOROZI : - Hali hasanzwe inka imwe yorowe kijyamber, ubu Ministeri y'urubyiruko yaduhaye izindi ebyili. Harateganwa kuzorora intama, inkwavu ndetse bishobotse n'inzuki.

- Ku byerekeranye n'amajyambere, ubu mu kwigisha imyuga hazongerwa umutungo w'ikigo mu budozi no mu bubaji. Haramutse habonetse inkunga ya [illegible], amazu mashya yubakwa yakuzuzwa vuba, ndetse n'ayali ashaje akavugururwa.

- Mu kwigisha gusoma no kwandika, ubu hali abanyeshuli batatu batabizi, baligishwa kandi hagashakwa n'abandi baba batabizi batuliye ikigo.

-hazashyigikirwa umuco-nyarwanda mu rubyiruko, rutozwa cyane cyane ikinyabupfura. Mu guharanira amahoro, tuzabicengeza mu rubyiruko rwacu kurushaho muli animation bityo urubyiruko rutashoboye kuza muli icyo kigo turubere urugero.

C.F.J. KEBERO (NTONGWE)

Mu kwitegura umwaka w'urubyiruko , higishwa cyane cyane UBUHINZI,UBWOROZI, IMYUGA, IMYIDAGADURO N'IBINDI.
Hali kandi n'abasore bahugurirwa gusoma no kwandika 23, abakobwa ni 10 naho abahungu ni 13.

UBUHINZI : - Umulimo wibanze wakozwe ni ukurwanya isuli no gufumbira hahingwa kandi : ikawa, urutoki, amasaka, imbuto zilibwa, imboga, ibishyimbo, ibijumba n'imyumbati.

UBWOROZI : - Kubera ko ubworozi butali bwaligeze muli icyo kigo, ubu harubakwa ikigo cy'ubworozi bw'inkoko n'inkwavu kiri hafi kuzura, ayo matungo azaba yagezemo umwaka utaha.

IMYUGA : - Kuruhande rw'inyuga ikigo cyo mw'i KEBERO ntigihwema guteganyiriza ibintu byo mu bubaji no mu budozi rya mulikwa ryerekeranye n'umwaka w'urubyiruko. Ubu ibyuzuye muli izo nzego zombi birabikwa kubera iyo mpamvu.

IMYIDAGADURO : - Umuyobozi w'ikigo yasanze byaba ngombwa kwigisha urubyiruko rwo mu kigo umukino udasanzwe uzwi mu karere wa Hand Ball bityo ubu urubyiruko rukaba ruwushishikaliye muli kino gihe ndetse hababa haliho kubakwa ikibuga cy'uwo mukino.

IBINDI : - Umuyobozi w'ikigo yasanze byazaba ngombwa ko urubyiruko rwo mw'i KEBERO rwazazilikana ikintu gishyashya rwungutse kubera umwaka warwo maze yiyemeza gusaba abagiraneza umuriro wamurikira ikigo hakoreshejwe imirase y'izuba ; nibwo yahise abisaba ishyirahamwe ryitwa A.R.D.I. Ubu uwo mushinga ukaba utegerejwe mu mwaka utaha 1985.

- Ubwo ba Directeur ba za C.F.J. barangije kugeza ku bali mu nama uko bitegura umwaka w'urubyiruko, umuyobozi w'inama yabwiye abali mu nama ko ibyifuzo by'umulyango w'abibumbye (O.N.U.) byakulikizwa. Ati nishimiye rwose kumva ba Encadreurs na ba Directeurs b'ibigo bo muli GITARAMA barumvise ndetse bakagerageza kumvisha abo bashinzwe amatwara y'umwaka utaha 1985 w'urubyiruko kw'isi hose. Yakomeje yibutsa ko Minisitere y'Urubyiruko atali yo yonyine ishinzwe urubyiruko. Ati hali nka Minisiteri y'amashuli abanza n'ayisumbuye ikwiye gufatanya n'iy'urubyiruko nyine.

- Yavuze ko Minisiteri izajya ikora uko ishoboye ikohereza intumwa zayo mu makomini kureba aho imyiteguro y'uliya mwaka igeze. Ati aliko namwe muzashyireho akanyu, mukulikire kenshi ikiganiro cya MIJEUCOOP gihita buli wa kane kuli radio, bityo bitume mwunguka ibitekerezo. Militant Directeur yashoje inama ashimira cyane abayijemo, kuba bamugejejeho ibibazo n'ibyifuzo byabo. Inama yarangije imilimo yayo saa munani n'iminota mirongo itatu(14h30')

UMWANDITSI W'INAMA

Encadreur Régional Adjoint de la Jeunesse et des coopératives

KALIMABO Fidèle

UMUYOBOZI W'INAMA

Directeur de la Jeunesse et Formation au MIJEUCOOP

KURUMIMUBONE Joseph.

P.O. Encadreur Régional GITARAMA